JOURNAL OF INDIGENOUS LANGUAGES

Jozac Publishers

Vol. 3, No. 1, 2025
https://doi.org/10.5281/zenodo.15384418
**Website:** http://journals.jozacpublishers.com/jil
***Type of the Paper: (Article Paper)***

# Uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda

**Pierre Niyibigira[1*], Innocent Twagirimana[2], Theogene Sekarama[3]**

[1,2&3]Arts and Language, University of Rwanda/ College of Education, Rwanda. niyibigirapierre1@gmail.com[1], twagilin@gmail.com[2], theogene.sekarama@gmail.com[3]

Correspondence: niyibigirapierre1@gmail.com

**Received:** March 14, 2025; **Accepted:** April 01, 2025; **Published:** May 12, 2025

**Abstract:** This study examined how Itorero programs may enhance Kinyarwanda language expression in Advanced-level students in Rwanda's basic education system in some selected schools in the Nyanza district. It was prompted by concerns over the frequent misuse and lack of proficiency in Kinyarwanda among secondary school learners. Like all languages globally, Kinyarwanda has established norms for proper usage. Rooted in Rwandan tradition, Itorero is a unique civic and cultural education program and was seen as a valuable platform for promoting correct language use and fostering responsible citizenship. The research was carried out in selected schools within the Nyanza District of the Southern Province at College du Christ roi Nyanza and GS HVP Gatagara, using purposive and simple random sampling techniques. Participants included students, teachers, school administrators, especially Itorero facilitators under Minubumwe and Mineduc. Itorero facilitators, who provided data through questionnaires and interviews. In total, 102 students and 65 leaders, teachers, and Itorero facilitators contributed to the study. The research sought to examine how Itorero supports the use of appropriate language, understand facilitators' approaches to teaching Kinyarwanda, and highlight the importance of language proficiency in Rwanda's advanced secondary education. The study also emphasized the role of Rwandan culture, which encompasses beliefs, clothing, dances, language use in shaping Kinyarwanda language use, national identity and unity, and development. It pointed out that Kinyarwanda is not limited to Rwanda but is also spoken in neighboring regions impacted by colonial-era boundaries. However, the growing influence of foreign languages and the neglect of linguistic traditions have weakened the authenticity of Kinyarwanda communication. Kinyarwanda can be a global language. Therefore, the research centered on the relationship between language and Itorero as a way to revive and strengthen the proper use of Kinyarwanda among today's students.

**Keywords:** Ikinyarwanda, Isano, Umurage w'ubumwe n'iterambere rirambye

## 1. Intangiriro Rusange

### 1.1. Amateka y'inyigo

Umwanditsi akaba n'umushakashatsi Nyatanyi mu nyandiko yise "Language of Unity and Culture in Rwanda". Agaragaza ko Ikinyarwanda ari ururimi kavukire rw'Abanyarwanda. Ikinyarwanda ni ururimi rw'umuryango rukaba n'ururimi rw'Igihugu, bityo Ikinyarwanda ni indangabanyarwanda. Ni rwo tunyuzamo ku buryo bw'umwihariko ibitekerezo, imyumvire n'imbamutima byacu. Ni umurunga uduhuza. Kuba dusangiye ururimi bituma tugira imyifatire, imitekerereze ndetse n'imikorere biri mu kerekezo kimwe, dore ko ururimi ari umuyoboro w'indangagaciro z'umuco wacu. Ikinyarwanda rero ni cyo twigaragarizamo abo turibo. Ururimi n'umuco ntiwabitandukanya. Abanyarwanda bagira amahirwe akomeye yo guhurira ku rurimi rumwe, rubabera n'inzira nziza yo gusigasira no guhererekanya umuco wabo (Nyatanyi, 2018).

Ikinyarwanda kandi ni ururimi ndengamipaka. Gikoreshwa mu bihugu duhana imbibi ndetse no mu mahanga ya kure. Muri ibi bihugu Ikinyarwanda kigishwa muri za kaminuza zitandukanye (urugero Havard, muri Amerika, St Petersbourg University, mu Burusiya ...), gikoreshwa mu bitangazamakuru mpuzamahanga (Ijwi rya Amerika), no ku mbuga nkoranyambaga (nka facebook) ku buryo rusigaye rukoreshwa mu bucuruzi. Ikinyarwanda ni rumwe mu ndimi zemererwa n'Itegeko Nshinga gukoreshwa mu mirimo yose ya Leta. Indirimbo yubahiriza Igihugu na yo irubona nk'umurunga ubumbatiye ubumwe bw'Abanyarwanda: Umuco dusangiye uraturanga, Ururimi rwacu rukaduhuza (Kanyonga, 2015).

Ibyo byose birerekana ko Abanyarwanda twese dusangiye inshingano yo gusigasira ururimi rwacu nk'umurage rusange ntagereranywa: Ikinyarwanda ni ishingiro ry'agaciro k'Ubunyarwanda. Ibi rero biha inshingano buri Munyarwanda wese yo kurengera Ikinyarwanda, tukirinda ibyonnyi, turushaho kugikunda, kugikundisha abandi no kugikoresha neza, bityo tukagiteza imbere. Ni ngombwa gufata ingamba zihamye zo kurengera no kubungabunga ururimi rwacu haba mu bana bato, urubyiruko n'abakuze. Ubu buryo bwo kunoza imvugo bwibanda ku magambo aha agaciro umuntu cyangwa ikintu iki n'iki. Abanyarwanda babukoreshaga ku mpamvu zitandukanye nko kubaha amategeko y'ikibonezamvugo mu mvugo ikoreshwa, rimwe na rimwe no guha icyubahiro. Aha ni ho dusanga bavuga bati: "ntibavuga ibi, Ahubwo bavuga ibi". Mu rwego rwo kunoza imikoreshereze y'ururimi, kugaragaza agaciro, akamaro k'Ikinyarwanda, gukoresha imvugo idakocamye indangagaciriro z'umuco w'u Rwanda no kuzigenderaho (Fountain, 2011).

### 1.2. Imiterere y'ikibazo nyoborabushakashatsi

Ibarura ryo muri 2022 ku miturire n'imibereho rusange mu Rwanda rigaragaza ko Ikinyarwanda kivugwa n'Abanyarwanda bagera kuri 93.2% bavuye kuri 99.4% mu mwaka wa 2002 nkuko bigaragazwa n'ibyavuye mu bushakashatsi bw'ikigo k'igihugu k'ibarurishamibare mu Rwanda (nisr, 2022). Umushakashatsi Charmeaux (1975) Mu nyandiko "La lecture à l'école, Cédix" avuga ko ururimi rugira uburyo n'imiterere rwigishwamo bityo iyo hatabayeho kubungabunga umwimerere w'urwo rurimi mu mivugire n'imyandikire yarwo icyo gihe ruba rujya habi bityo bigira ingaruka ku benerurimi harimo no gutakaza urwo ururimi.

Nkuko bigaragara mu ndirimbo yubahiriza igihugu "Rwanda nziza" mu gitero cya Gatatu haravugwa ngo: "umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhuza." Gusa iyo uteze amatwi abana, urubyiruko bamwe na bamwe ndetse n'abakuze imvugo bakoresha bigutera kwibaza niba Ikinyarwanda kigipfunditse iryo pfundo rigaragaza isano Abanyarwanda bafitanye binyuze mu rurimi rwabo. Imvugo zikocamye, imvugo zitubaha inzego z'ururimi n'abavugana. Iyo baganira biriganza cyane, byagiye kure ubu no mu nyandiko zinyuranye, raporo ndetse n'izindi usanga i kibazo k'imikoresherereze y'ururimi kigaruka. Iki kibazo k'imikoreshereze ikocamye y'ururimi rw'Ikinyarwanda kigaragara mu byukuri aho tuba mu miryango, aho dukorera, hagati y'abanyeshuri n'abandi ndetse no hagati y'abarezi n'abanyeshuri (Ntakirutimana, 2015: 47).

Gusa Muri iyi nyigo twibanze ku mvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda byumwihariko mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda. Muri iyi nyandiko ikibazo kigaragazwa hagendewe ku nyandiko mpamo z'ibigaragara, inyandiko z'ubushakashatsi z'abashakashatsi n'abahanga mu nyandiko zinyuranye, inararibonye ndetse n'amakuru y'ibyavuye mu bushakashatsi kuva ku bakeshwamakuru bagize uruhare muri iyi nyandiko.

Rurangirwa (2012) agaragaza ko kuba Ikinyarwanda ari ururimi kavukire rw'Abanyarwanda, bishatse kuvuga ko kivugwa na buri wese, harimo n'abatarageze mu ishuri. Ibi byaduteye kandi amatsiko yo kwiga mu buryo bwimbitse ikibabazo k'imikoreshereze y'imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Dukenera kandi kumenya imvano, gusesengura no kurebera hamwe uburyo hanozwa imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda binyuze muri gahunda y'itorero.

Ururimi rurapfa kandi ururimi rurakura nk'uko bigaragara mu nyandiko zinyuranye z'ubushakashatsi ku miterere y'iby'indindi n'iterambere ry'imikoreshereze y'indimi mu buzima bw'ikiremwa muntu. twibukiranye ko imvugo iboneye cyangwa kuvuga neza ururimi rw'Ikinyarwanda ari imwe mu ndangagaciro z'itorero ry'igihugu mu muco nyarwanda bityo kurushaho kwimakaza iyi ndangagaciro byagirira umuryango nyarwanda umumaro ukomeye nko kugira umunyarwanda wuje ikinyabupfura, Kubaha, gusigasira umuco n'ururimi (Mukeshimana, 2001).

### 1.3. Intego z'ubushakashatsi

#### 1.3.1. Intego Rusange

Ubu bushakashatsi bufite intego rusange yo kwerekana uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda.

#### 1.3.2. Intego zihariye

1. Gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'intego y'imikoreshereze y'imvugo iboneye mu rurimi rw'Ikinyarwanda mu itorero.
2. Kugaragaza imyumvire y'abashinzwe itorero ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero.
3. Kwerekana umumaro w'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri y'ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye ku burezi bw'ibanze bw'u Rwanda.

### 1.4. Ibibazo by'ubushakashatsi

Iyi nyandiko y'ubushakashatsi igamije gusubiza ibibazo bikurikira:

### 1.4.1. Ikibazo rusange

Ni uruhe ruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda?

### 1.4.2 Ibibazo byihariye

1. Ni gute intego y'imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itorero ry'Igihugu ishyirwa mu bikorwa?
2. Ni iyihe myumvire y'abashinzwe itorero ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero?
3. Ni uwuhe mumaro w'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri y'ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye ku burezi bw'ibanze bw'u Rwanda?

## 2. Ibyagezweho N'abandi Bashakashatsi

### 2.1. Ururimi rw'Ikinyarwanda

Muri usange, ururimi ni uruhurirane rw'amajwi atanga amagambo abavugana bakurikiranya babwirana ibintu bakumvikana. Ayo majwi kandi ashobora gushushanywa abantu bakandikirana. Iyo bavuze ijambo "Ikinyarwaanda" umuntu ahita yumva ururimi rushingiye mu Rwanda rugasagukira mu bihugu bihana imbibi na rwo. Ijambo Ikinyarwanda rivuga kandi uruhurirane rw'imvugo zo mu Rwaanda zumvwa n'abazivuga batagombye abasemuzi, ari na cyo gituma izi za nyuma bizita inshami, nk'îkirêera n'îkigoyi. Ururimi ruhindura imiterere uko ibihe bigenda bisimburana, rukiyongeramo amagambo amwe ari na ko rugenda rureka andi uko imigenzereze, imyifatire, ubumenyi n'ikoranabuhanga bigenda bihinduka (Bizimana, 1997).

### 2.2. Igarurwaho ry'itorero mu muco nyarwanda

Mu mateka y'u Rwanda, itorero ry'igihugu ryari irerero ry'Abanyarwanda, rikaba umuyoboro igihugu cyanyuzagamo inyigisho zinyuranye ku muco wacyo (ururimi, gukunda igihugu, imibanire hagati y'abantu n'abandi, imikino ngororangingo, ibitaramo n'imbyino, kurwanira igihugu n'ibindi), bityo abana bacyo bagakurira muri uwo muco. Abarijyagamo batozwaga kuganira kuri gahunda zinyuranye z'igihugu no ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, rikaba kandi ihuriro rikomeye ryateguraga abayobozi b'igihugu. Abaganaga itorero ry'igihugu batozwaga umuco nyarwanda kugirango bamenye indangagaciro ziwurimo zagombaga kububaka mu myumvire y'ibintu, mu myifatire, mu mitekerereze, mu mikorere n'imikoranire, mu mibereho yabo no mu mibanire yabo n'abandi. Kuri ubu itorero ryitabirwa n'abantu b'ingeri zose hagendeye ku byiciro babarirwamo, urugero nk'itorero mu mashuri ritoza buri munyeshuri wese hatitawe ku kiciro cy'amashuri yigamo (NIC, 2011).

### 2.3. Ururimi n'itorero mu muco nyarwanda

Mukama na Nkusi (2019) mu nyandiko y'ubushakashatsi "Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu" cyanecyane ku rupapuro rwa 32. Agaragaza uko umuhanga mu iyigandimi, asobanura ko ururimi rushora imizi mu muco. Yemeza kandi ko ururimi ari umusingi wo kwiga. Umuhanga mu mitekerereze y'abantu, Vygotsky (1978), agaragaza ko ururimi rugira imimaro ibiri itandukanye mu mitekerereze y'umuntu: ururimi ni igikoresho nyoborabitekerezo rukaba kandi n'igikoresho cy'umuco. Aha, Vygotsky avuga ko ku ruhande rumwe, ururimi rufasha abantu

gushyira ku murongo ibitekerezo byabo, kwiyumvisha ibintu mboneshwajisho ku buryo mboneshwabwenge.

Ku rundi ruhande, ururimi nk'igikoresho cy'umuco (mu muco tugiramo itorero), rufasha abantu kungurana ibitekerezo. Ibi ni byo bituma umuntu ashobora kugereranya ibitekerezo bye n'iby'abandi, ari byo bishobora kuvamo kubyemera, kubyubakiraho, kubyongera cyangwa se kubinenga no kubikosora. Ni ukuvuga ko ku byerekeye ubushakashatsi, ururimi rushobora kubera ubukungu abarwumva neza, ariko rukabera inshoberamahanga abataruzi. Kimwe n'abandi bahanga benshi, Wells (1999) avuga ko iyo umuntu yiga ururimi rwe kavukire aba yicengezamo umuco urwo rurimi ruhetse.

Niyomugabo (2015*)* mu nyandiko yise "Kinyarwanda language in education across times: myth or reality?" ku rupapuro rwa kane agaragaza uruhare rw'itorero mu muco n'ururimi rw'ikinyarwanda muri aya magambo: "Itorero" Imyigire gakondo mu Rwanda, hambere "Itorero" bwari uburyo bw'imyigire. Bugereranywa n'imyigire igezweho ubu mu mashuri yisumbuye ku bahungu-ibyasabwaga kugirango wemererwe kujyayo byari bimwe nk'imyaka, ikigero cy'ubumenyi runaka, kwemererwa kwiga ubayo, imyifato ikwiye, ikinyabupfura n'ibindi. Abakobwa bahabwaga amasomo yabo yihaririye ahazwi "nk'urubohero" bakahigira "Gukuna" gufata neza abagabo babo igihe bashyingiwe. Mugihe basaza babo batozwaga imyitozo ngororamubiri, amasomo yo gukunda igihugu, kurinda ubusugire bw'igihugu no kukirwanira igihe cyatewe n'umwanzi n'ibindi. Muri make kandi "mu itorero" batozaga "Intore" Kuba intyoza mu kuvuga bakagaragaza ububonezamvugo, ubuhanga mu rurimi rw'Ikinyarwanda n'umuco.

Nzahabwanayo (2016) mu gitabo yise "Citizenship and Values Education in Post-Genocide Rwanda: An Analysis of the Itorero Training Scheme for High School Leavers" agaragaza uruhare rw'itorero, indangagaciro n'amateka muri gahunda y'itorero ku barangiza amashuri yisumbuye nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda. Agaruka ku ndagagaciro yagarutse ku rurimi rw'Ikinyarwnda muri aya magambo "Uwitabiraga itorero yagiraga umwanya wo kuboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda bimufashaga kuza umuyobozi" agaragaza ubuhanga mu rurimi binyuze mu kuruvugira mu ruhame.

Nsanzabiga (2012) avuga ko Abanyarwanda bahunze bagahunguka nta kuntu batavuga urumi rw'ikivangitirane, rurimo udusigisigi tw'Ikinyarwanda cyabo n'udusigisigi tw'indimi z'aho babaga mu mahanga. Urwo rujya n'uruza rw'abantu mu bihugu, mu mico n'indimi zitandukanye, ntirubura icyasha cy'ururimi ku warubayemo ariko ko uko iminsi yegera imbere udusigisigi tugenda dushira agasigara avuga neza Ikinyarwanda iyo yagihaye umwanya akabyitaho. Twavuga ko iterambere ry'uyu munsi n'isi ya none yabaye umudugudu aho tugomba guhura mu buryo butandukanye, abantu b'amahanga atandukanye (ubucuruzi kuri interineti, amashuri mu mahanga hifashishijwe iyakure cyangwa kujyayo), ni gute ubaye muri ubwo buzima nk'Umunyarwanda bitamugira ho ingaruka ku Kinyarwanda ke ngo akivange n'izo ndimi zindi yahuye na zo cyangwa isobwa ry'imivugire.

Floyd Mu nyigo ye yise "Uruhare rw'Ikoranabuhanga mu Iterambere ry'Ururimi". Agaragaza ko iterambere n'ikoranabuhanga bigomba kugenzurwa mu buryo bwihariye buburyo butangiza umuco n'ururimi gakondo dore ko bihera akenshi mu ru byiruko narwo ruba rugifite byinshi byo kwiga ku muco n'ururimi gakondo. Akomeza ashimira leta yashyizeho ibikorwa byo guteza imbere ikoreshwa ry'ururimi rwa Xhosa ku mbuga nkoranyambaga, porogaramu, ibitabo by'ikoranabuhanga n'imbuga za internet mu buryo bugenzuwe. Urugero: ikoreshwa

ry'ikoranabuhanga mu kumenya amajwi no guhindura indimi bigabanya imbogamizi mu gukoresha Xhosa mu ikoranabuhanga kandi bikazamura ikigero k'imikoreshereze iboneye mu biganiro binyuzwa mu ikoranabuhanga n'ibitangazamakuru bigera kuri rubanda nyamwinshi (Floyd, 2017).

Umushakashatsi Nsanzabiga Eugene yongera, mu nyandiko ye "From the "trapped language"to hybridized language: An Educational dilemma in teaching Kinyarwanda" yasohotse mu kinyamakuru Rwanda Journal of Education mu mwaka wa 2012, volume 1, Issue 1, umutwe wayo wumvikanamo gukoresha indimi zivangavanze, by'umwihariko agatekereza ku ihuzagurika mpitamo rurimi nyarwo rwo kwigishamo Ikinyarwanda. Mu nshamake ye agaragaza ko Ikinyarwanda ari ururimi rukomeye, rukize ariko kandi rwibasiwe cyane n'indimi z'amahanga zarwivanzemo (Nsanzabiga, 2012)

Suleiman mu nyandiko yise "The Arabic Language and National Identity" agaruka ku mikoreshereze y'Icyarabu gikomeye "Fusha" agaragaza ko ari bumwe mu buryo bw'imvugo bukoreshwa mu nyandiko za kera, ibiganiro by'umwihariko ndetse n'itangazamakuru rikaba rita kuri iyo mikoreshereze mu rwego rwo gusigasira umwimerere w'Icyarabu. Ubu buryo bwa Fusha bufite ishema rikomeye kubera uburyo busobanutse kandi butanga igisobanuro cyumvikana ari nayo mpamvu hashizweho uburyo bwo kwiga Icyarabu mu buryo bwihariye buzwi nka "ftytal" kuva ku mwana w'imyaka ine kuzamura. Gukoresha *Fusha* bituma umuntu abasha gutanga ibitekerezo mu buryo burambuye kandi busobanutse. Urugero: Igitabo cya "Quran" cyanditswe mu buryo bwa Fusha kandi kikaba ari urugero rwiza mu gukoresha ururimi mu buryo bushimishije kandi buhimbaza, amagambo asobanura ubutumwa mu buryo buboneye kandi uwumva akumva ubutumwa mu buryo butomoye kandi butamugoye (Suleiman, 2004).

Uburyo bwo kwiga Icyarabu mu buryo bwihariye buzwi nka "ftytal" bufasha gukoresha imvugo bwitwa Balagha. Balagha ni ubumenyi bwerekeye guhanga imvugo n'uburyo bwo kuvuga mu buryo bushishikaje bene rwo. Uburyo bwo gukoresha Balagha butuma umuntu abasha gukora ibiganiro bigira impinduka nziza ku bashyikirizwa cyangwa ku baganira na bo (Kane, 2013). Urugero: Ijambo rishobora gukoreshwa mu buryo bwa antithesis (kugaragaza ibintu bibiri bihanganye) muri Balagha mu Cyarabu ryongera ishingiro ry'ibiganiro n'igisobanuro k'igitekerezo gitangwa. Urugero rwiza rw'inyandiko mu Cyarabu mu nkuru y'ubutumwa yakwirakwijwe igaragara muri uyu mugani: "الحياةُ والموتُ وجهانِ لعملةٍ واحدة" (al-hayatu wal-mawtu wajahani li-'umlatin wahida) bisobanura " Ubuzima n'urupfu ni nk'impande ebyiri z'ifaranga rimwe."

Gukora imyitozo y'ibiganiro cyanecyane urubyiruko rwiga gusoma ikorowani (Quran) mu Cyarabu bituma imvugo iba nziza kandi yoroheje. Ubumenyi bw'imvugo n'uburyo bwo kwitwara bigira uruhare mu kongera ubuhanga mu gutanga ibitekerezo byiza (Al-Azmeh, 2001). Atanga urugero rw'umwe mu bigishijwe imvugo nk'umuhanzi Taha Hussein n'abandi banyabwenge mu bihugu by'Abarabu bakoresheje impano z'imvugo ziri hejuru bityo imvugo yabo ikaba igaragaza uburyo imvugo nziza ikoreshwa mu bisobanuro byubaka.

Prah mu nyandiko y'ubushakashatsi "Ururimi n'uburezi muri Afurika" agaragaza uruhare rwo gusigasira ururimi gakondo mu iterambere ry'uburezi. Atanga urugero rwa Xhosa aho avuga ko *urwo* rurimi ari urufatiro runini mu muco gakondo w'Igihugu cya Afurika y'Epfo ruvugwamo, kimwe n'izindi ndimi rukwiye kubugabungwa mu buryo burenze uko bikorwa n'ubwo hari ingamba zafashwe mu kuruteza imbere harimo ibikorwa byo kuvuga inkuru, umuziki n'ibivugo mu rurimi rwa Xhosa. Ibigo by'ubumenyi n'amashuri y'ubuvanganzo nka kaminuza ya keputawuni (Cape Town) na kaminuza ya Rodesi (Rhodes) bigira uruhare mu kubika no gukwirakwiza ibikorwa

by'umuco n'ubuvanganzo mu rurimi rwa Xhosa kimwe na gahunda n'ibikorwa byo kuzahura ururimi binyuze mu biganiro n'amahugurwa. Akomeza agaragaza ko hari imiryango ishamikiye kuri izo kaminuza ifite ibikorwa byo gukora ubushakashatsi ku ndimi z'Afurika no gufasha kubungabunga ururimi binyuze mu bigo by'ubushakashatsi n'ibikorwa by'uburezi (Prah, 2014).

**2.4. Ubushakashatsi ku rurimi n'uburezi**

Mbere yo kumva ururimi rero, umuntu agomba kubanza kumenya umuco w'abaruvuga. Kurwiga bigasaba kwiga uwo muco. Mu Rwanda hari ubushakashatsi bwakozwe ku myigire n'imyigishirize y'indimi bugamije kugaragaza akamaro k'ururimi mu burezi. Bumwe muri ubwo bushakashatsi bwakozwe na Ntakirutimana, Williams, Nayimfashe na O'Sullivan (2004), bagamije gusuzuma ubushobozi bwo gusoma no gusobanura ibyasomwe mu ndimi zakoreshwaga mu mashuri icyo gihe (Icyongereza, Igifaransa n'Ikinyarwanda).

Nk'uko Oakes (2001) abivuga, ururimi ni kimwe bintu by'ingenzi mu ngamba zo gushyiraho no gukomeza umubano hagati y'abantu ndetse no gushoboza abimukira gushyikirana n'abo basanze mu gihugu. Mu guteza imbere ururimi rusanzwe ku benegihugu no ku bimukira, biba bifite intego yo gushyiraho ubwenegihugu bumwe ndetse no gukomeza umubano ukomeye mu baturage.

Kumenya ururimi nyabyo, bisaba kumenya umuco urwo rurimi rubumbatiye kugira ngo ubashe gusobanukirwa n'inshoza zirukoreshwamo cyangwa se ushobore kwishushanyiriza igitekerezo gikubiye mu bivugwa. Birumvikana rero ko umuntu yubaka ibitekerezo bye ku buryo bunoze mu rurimi yumva neza, akenshi ruba ari ururimi kavukire. Nko mu mvugo z'Abanyarwanda ziranga amasaha: ku gasusuruko, inyana zisubiye iswa, mu mataha y'inka, inka zishotse, n'izindi, utari umunyarwanda ntahita yumva icyo zivuga. Gusa umushakashatsi akaba n'umuhanga mu iyigandimi Ogbuehi (2001), yagaragaje ko ikoreshwa ry'Icyongereza nk'ururimi rwigishwamo mu byiciro bibanza muri Afurika, biteza igongana ry'Icyongereza cyangwa urundi rurimi rukoreshwa ndetse n'ururimi gakondo cyane ko izo ndimi ziba zidahuje imitetere.

Muri Werurwe 2005, Umuryango w'Abibumbye watangije gahunda y'imyaka 10 y'uburezi bugamije iterambere rirambye (UN DESD). Iyo gahunda yagombaga kuva 2005 ikageza 2014 yaranze ikinyejana gishya mu kwita ku burezi rusange (buhuriweho) kandi bushingiye ku bushakashatsi. (Global Education and Education Related Research). Uburezi rusange bukaba ari ikerekezo gishya cy'uburezi (Global Education as new approach of Education) bwaje busimbura uburezi gakondo (Traditional Education).

Uburezi rusange bukaba bwaraje bugamije guteza imbere imyumvire y'ibibazo bihanze isi, birimo ibibazo by'ubukungu, imibanire, ibidukikije, amahoro n'umutekano. Iyi gahunda ishingiye ku kubaka ubushobozi burambye (life- long skills), ikerekezo kimwe no kubaha indangagaciro z'abandi (UNESCO, 2006)

Gahunda y'imyaka 10 y'Uburezi bugamije iterambere rirambye (UN DESD yaje yuzuza gahunda y'Umuryango w'Abibumbye igamije iterambere ry'intego z'ikinyagihumbi (Millenium Development Goals MDGs). Iyi gahunda yitaye cyane ku kuzana impinduka binyuze:

Mu burezi, amahugurwa, n'ubukangurambaga mu bihugu byateye imbere n'ibihugu biri mu nzira y'amajyambere. Ubukangurambaga bwa Gahunda y'imyaka icumi y'umuryango w'Abibumbye y'uburezi bugamije iterambere rirambye mu barimu ishingiye ku bibazo bihuriweho mu myigishirize y'Indimi (Global issues in Language Education) in Japan. Kujya impaka ku isano iri hagati y'Uburezi bugamije iterambere rirambye (UN DESD) n'ibibazo rusange by'uburezi bw'indimi

(GILE). Gushyiraho uburyo uburezi bw'indimi n'abarimu byagira uruhare muri gahunda nshya y'uburezi bugamije iterambere rirambye (Richard & Joel, 2007)

Umwanditsi Ntawangundi (1991) mu nyandiko yise "imyigire y'ibanze, ubutwari bw'Abanyarwanda" yagaragaje ko ururimi rw'Ikinyarwanda rwigwaga mu buryo bubiri (2) aribwo ibitaramo n'itorero. Ibitaramo: Hari amoko abiri y'ibitaramo. Mu bitaramo bisanzwe no mu bitaramo byihariye byateguwe (imanza zitandukanye). Ibitaramo byahuzaga ababyeyi n'abana mu muryango. Baca imigani bagasakuza n'ibindi. Ibitaramo byateguwe byahuruzaga inshuti, abaturanyi, abavandimwe babaga batumiwe kuza kwifatanya n'umuryango mu rubanza uru n'uru (gusaba, gukwa, kwakira inka n'ibindi). Haba n'igihe byababaga ari inkera yateguwe n'umuryango (ingo zifite).

Gabriel (2018), Munyandiko yise "A synchronic approach to kinyarwanda variation among its native speakers". International Journal of Linguistics, Literature and Culture, 4(3), 38-45. Imwe mu ntego y'inyandiko ni ukwerekana ko ururimi n'umuco mu muryango runaka w'abavugarurimi bitagomba gutandukana aho ku rupapuro rwa Gatandatu atanga urugero rw'Ikinyarwanda kivugwa mu majyaruguru n''Ikinyarwanda gikwira (Gabriel, 2018)

Ubundi bushakashatsi ni ubwakozwe hagati ya 2007 na 2009 n'itsinda rigizwe na Ntakirutimana, Lyambabaje na Iyakaremye (2016) bagamije kwerekana isano iri hagati y'ururimi, imyigire n'imyigishirize by'inyigisho z'ubuhanga n'ikoranabuhanga. Ubu bushakashatsi bwerekanye ko abanyeshuri b'abahanga mu ndimi ari nabo batsinda neza amasomo y'ubuhanga n'ikoranabuhanga. Ndetse n'iyo urenze urwego rw'abanyeshuri ku giti cyabo, usanga ibigo by'amashuri bitsinda neza mu ndimi ari na byo bitsinda neza mu masomo y'ubuhanga n'ikoranabuhanga.

Ubu bushakashatsi bwafatiye ku masuzumabumenyi ba nyirabwo batanze mu mashuri yisumbuye 38 akusanya abanyeshuri 1537. Nyuma baza no gusesengura amanota y'abanyeshuri yatangajwe n'ikigo k'Igihugu gishinzwe guteza imbere uburezi (REB), basanga nayo ashimangira ibyagaragajwe n'amanota y'amasuzuma. Ibi birerekana akamaro k'ururimi mu burezi. Muri rusange aha twavuga ko ireme ry'uburezi rifite imizi mu myigire n'imyigishirize y'indimi. Kugira ngo ushobore kwiga wumve ibyo wiga, ugomba kumva indimi zikoreshwa mu nyigisho mbere na mbere. Kwa gutera imbere kukagutera kumenya n'indimi z'amahanga kugira ngo umenye, usobanukirwe kandi usabane n'abandi.

Alleluya Pascal Mu nyandiko yise "sementic analysis of the slang of Nyabugogo boys" yagaragaje imvugo zimwe na zimwe abo basore bakoresha mu gihe bakeneye imyambaro, ibiribwa, amafaranga, umutekano n'ibindi. Aho usanga iyo myifatire mvugo bayigira mu ngeri zinyuranye z'ubuzima zerekeye ibyo kurya: utwâaka, icoôpu, …

Guteka: Kwîiheengekera, kwîipevera, gushika, gupiga, Kwambara no kubaho: Ubwo se waba ishumi y'umuntu urara ingange, agahezo (aho kuba haciriritse) mfite ingetu(inshuti) nta noma. Kugangika, … Amafaranga: ikoca, utuyaâni, ubusenkantiisini, iwani, nyiraneza, ikama. Imirimo rusange: Kwikaratira, ijobu, gupeza n'andi anyuranye. Phonological manipulations (Alleluya, 2005). Nassenstein (2015) Imvugo y'Umuhanda (youth languagepractices in Kigali-Rwanda. Mu Rwanda bitandukanye n'izindi mvugo z'urubyiruko rw'Afurika aho usanga batita ku mivugirwe isanzwe y'ijambo. Agaragaza ko imikoreshereze y'imvugo y'umuhanda hari aho bakoresha irindi rangururamajwi ritandukanye n'irimenyerewe ndetse rimwe narimwe kandi kenshi bagahindura ijambo ryose bo usanga bumvikana neza. Atanga urugero rukurikira: kutígita ('to shiver' in standard Kinyarwanda), which underwent a semantic change and means 'to go, to leave' in (IyU). In analogy

to the language game Igifefeko, where kugénda (the standard form for 'to go, to leave') becomes kudange, kutígita changes to kutagiti and thence to katigitu.

## 3. Uburyo Mbonezanyigo

### 3.1. Uburyo ubushakashatsi bwakozwemo

Inyandiko y'ubushakashatsi igira uburyo ikorwamo. Uyu murimo mu rwego rwo kugaragaza uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro cya Kabiri mu burezi bwibanze bw'u Rwanda, bushingiye ku isesengura ry'ibyanditswe ku itorero mu muco ndetse n'imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

Ku rundi ruhande twakoresheje iganirabaza mu gusesengura ibiri gukorwa mu guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda na gahunda y'itorero mu kwimakaza imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda, ingaruka z'ikoreshwa ry'imvugo ikocamye mu kiciro cya kabiri mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda n'umumaro ku benerurimi n'abakoresha Ikinyarwanda batari abenerurimi ariko barukenera mu buryo bw'ihanahanamakuru. Ibi byagezweho hashingiwe ku biganiro n'ibisubizo ku bibazo byabajijwe abakeshwamakuru babajijwe mu ikusanyamakuru ry'ubushaka

### 3.2. Imbibi z'ubushakashatsi

Imbibi z'uyu murimo w'ubushakashatsi ni Akarere ka Nyanza mu ntara y'amajyepfo mu bigo bya GS HVP Gatagara na College du Christ Roi Nyanza byo mu karere ka Nyanza. Ugamije kwerekana uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye yo mu Rwanda, hagendewe ku ntego z'ubushakashatsi ndetse n'imiterere y'umurimo w'ubushakashatsi n'ireme ry'umurimo muri rusange hagamijwe kongera ingamba z'ikemurwa ry'ikibazo k'imikoreshereze y'imvugo zikocamye z'ururimi rw'Ikinyarwanda zigaragara mu mvugo zitandukanye n'ibiganiro binyuranye abantu banyuranye bagirana by'umwihariko abanyeshuri.

Ibi byatumye duhitamo gukora uyu murimo tuwukoreye mu bigo byavuzwe haruguru aribyo College du Christ Roi Nyanza hamwe na GS HVP Gatagara nka kimwe mu bigo bifite uburezi budaheza (Inclusive Education) bufite uruhare mu iterambere ry'uburezi bw'u Rwanda. Dushingiye ku ngano n'imiterere y'itsinda nkeshwamakuru muri iyi nyigo y'ubushakashatsi ibi bigo byatoranyijwe gukorerwamo ubushakashatsi bwatanze ishusho ikwiye bikaba byahagararira amashuri yo mu Rwanda, ubushakashatsi bwakorewe ku banyeshuri 102, abarimu 47 n' abayobozi 12 bafite inshingano zinyuranye mu bigo by'amashuri yatoranyijwe ndetse na 6 bashinzwe itorero ku mashuri. Bitewe n'amakuru y'ubushakashatsi yari akenewe mu gusubiza intego z'ubushakashatsi, twahisemo ingano y'itsinda nkeshwamakuru iteye itya kandi yatanze amakuru y'ingenzi asubiza ikibazo n'intego z'ubushakashatsi.

### 3.3. Imiterere y'ikusanyamakuru ry'ubushakashatsi

Ubushakashatsi bushingiye ku buryo bw'isesengura ry'ibyanditswe ku guhuriza hamwe ingingo n'ibitekerezo mu buryo nyamimerere bujyana isesengura nyabitekerezo ritagombera imibare ahubwo risesengura ibisubizo cyangwa ibisubizo byatanzwe ku bibazo bikenera ibisubizo birambye n'uburyo bw'ikibonezamvugo no gushyikirana mu iganirabaza.

Mukama na Nkusi (2019) bagaragaza ko abashakashatsi babukoresha ari abadasobanura ahubwo babona ko ubumenyi bushobora guhinduka bitewe n'abantu, ahantu n'igihe ukoresha

ururimi arimo mu gushaka ibitekerezo binyuranye by'abakeshwamakuru bisubiza ibibazo byaguye. Ubu buryo twabukoresheje dusoma inyandiko zerekeye umuco cyanecyane izerekeye itorero ry'igihugu, itorero mu mashuri ndetse n'imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Kimwe n'izindi nyandiko zo muri icyo kiciro mu ndimi n'ibihugu bitandukanye nk'uko byagaragajwe mu bushakashatsi.

Muri iyi nyandiko y'ubushakashatsi kandi twakoresheje uburyo bw'iganirabaza mu gukusanya amakuru agamije gusesengurwa aturutse ku itsinda nkeshwamakuru ryagenwe nk'abanyeshuri bo mu mwaka wa 4, 5 n'uwa 6 mu mashuri yisumbuye mu bigo byatoranyijwe by'akarere ka Nyanza aribyo GS HVP Gatagara na College du Christ roi Nyanza, abarimu, abashinzwe itorero ku mashuri ndetse n'abayobozi muri ibyo bigo by'amashuri. Uburyo bwakoreshejwe tugamije kuganira ku kibazo k'imikorshereze y'imvugo zikocamye zikoreshwa mu burezi bwibanze bw'u Rwanda no gusesengura uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo ikocamye.

### 3.4 Ihitamo ry'ngano y'itsinda nkeshwamakuru

Bigendanye n'ingano y'itsinda nkeshwamakuru yashingiye ku mbumbabumenyi ya Sloven, hagendewe ku mubare w'abanyeshuri, abarimu n'abayobozi batoranyijwe.

Ingano y'ikitegererezo ku itsinda= (12.75/102) ×30≈17≈5 (Abanyeshuri)

Uko abakeshwamakuru bateganywa mu matsinda: Imbonerahamwe y'ishuri

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'itsinda nkeshwamakuru:

Abanyehuri Umwaka wa 4

| Umubare w'Abanyeshuri bari bateganijwe | Umubare w'ingero zatoranyijwe | Igereranyo ry'Ingero |
|---|---|---|
| 70 | 40 | 0.571 |

Imbonerahamwe y'Ishuri umwaka wa 5

| Umubare w'Abanyeshuri bari bateganijwe | Umubare w'ingero zatoranyijwe | Igereranyo ry'Ingero |
|---|---|---|
| 61 | 31 | 0.508 |

Imbonerahamwe y'Ishuri umwaka wa 6

| Umubare w'Abanyeshuri bari bateganijwe | Umubare w'ingero zatoranyijwe | Igereranyo ry'Ingero |
|---|---|---|
| 56 | 30 | 0.536 |

Abanyeshuri 102 bashingiweho amakuru y'ubushakashatsi muri iyi nyigo ku bigo byakorewemo ubushakashatsi byavuzwe haruguru.

Imbonerahamwe igaragaza ingano y'itsinda nkeshwamakuru:

Abarimu n=1+79· (0.093)279

| Ishuri | Ingano y'abakeshwamakuru bagenwe | Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho |
|---|---|---|
| 1 | 20 | 12 |
| 2 | 15 | 9 |

| | | |
|---|---|---|
| 3 | 19 | 16 |
| 4 | 25 | 11 |

Ishuri 1: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho =79/20×47≈11.9≈12

Ishuri 2: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=79/15 ×47≈8.9≈9

Ishuri 3: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=79/25×47≈15.6≈16

Ishuri 4: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=79/19 ×47≈11.1≈11

Abarimu 47 bigisha amasomo anyuranye ku bigo byakorewemo ubushakashatsi byavuzwe haruguru.

Hagendewe ku miterere n'ingano y'amakuru akenerwa mu bushakashatsi muri iyi nyandiko hatoranyijwe abayobozi 12 bafite inshingano zinyuranye mu burezi bw'u Rwanda, ndetse na 6 bashinzwe itorero mu mashuri.

Ingano y'abakeshwamakuru batoranyijwe:

Ishuri 1: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=20/5×16=4

Ishuri 2: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=20/4×16=3.2≈3

Ishuri 3: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=20/6×16=4.8≈5

Ishuri 4: Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho=20/5×16=4

Imonerahamwe igaragaza ingano y'itsinda nkeshwamakuru: bayobozi batoranyijwe mu bigo by'amashuri.

| Ishuri | Ingano y'abakeshwamakuru bagenwe | Ingano y'abakeshwamakuru yashingiweho |
|---|---|---|
| 1 | 5 | 4 |
| 2 | 4 | 3 |
| 3 | 6 | 5 |
| 4 | 5 | 4 |

### 3.5. Itsinda nshingirwaho amakuru

Iyi nyigo y'ubushakashatsi yashingiye amakuru mu bigo binyuranye avuye mu ba banyeshuri, abarimu, abayobozi n'abashinzwe itorero mu bigo byatoranyijwe byumwihariko ikiciro cya Kabiri cy'amashuri yisumbuye. Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko itsinda nkeshwamakuru ari ikoraniro ry'abantu bake cyangwa ibintu bike ritoranywa mu itsinda nshingirwaho rigizwe n'ibintu byinshi cyangwa n'abantu benshi bahuje ibirango kugira ngo batange amakuru ku nsanganyamatsiko runaka yigwaho.

Guhitamo itsinda nkeshwamakuru bivuga gutoranya umubare muto mu itsinda nshingirwaho, maze uwo mubare muto ukaba uhagarariye itsinda nshingirwaho ryose. Ibi bivugwa na Prabhat & Mishra (2015) ndetse na Kothari (2004). Twifashije uburyo bwo guhitamo (tombora yoroheje) nk'uko Kothari Akomeza avuga ko "umushakashatsi ashobora gukoresha uburyo bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru kubera ikibazo k'igihe n'amikoro", dukoresha kandi itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu.

Inyigo y'ubushakashatsi yashingiye ubushakashatsi ku itsinda ry'abakeshwamakuru ari bo bashingiweho amakuru y'ubushakashatsi bitewe n'amakuru akenewe gutanga amakuru agamije gusubiza bibazo n'intego z'ubushakashatsi. Umubare wateganijwe kugira uruhare ni abanyeshuri 120, abatanze amakuru ni101 mu gihe 19 bagize ingorane zituma badatanga amakuru gusa muri abo harimo 8 batanze amakuru asabwa gusa ntibifuje kugara mu ihamyamakuru bitewe ku mpamvu zabo bwite n'uburenganzira bahabwa n'amategeko n'amabwiriza agenga abifuje kugira uruhare mu bushakashatsi nk'uko basobanuriwe mbere yo kwemera kuba abakeshwamakuru mu bushakashatsi.

Umwaka wa Kane (Abanyeshuri 41)

- Abanyeshuri 41 mu 102, bityo:
- 41*102×100=40.2%/ {41} {102} \times 100 = 40.2\%10241×100=40.2%

Umwaka wa Gatanu (Abanyeshuri 31)

- Abanyeshuri 31 mu 102, bityo:
- 31*102×100=30.4%\ {31} {102} \ 100 = 30.4\%10231×100=30.4%

Umwaka wa Gatandatu (Abanyeshuri 30)

- Abanyeshuri 30 mu 102, bityo:
- 30*102×100=29.4%\ {30} {102} \ 100 = 29.4\%10230×100=29.4%

Abarimu cyane cyane abigisha indimi n'abandi bigisha andi masomo mu bigo byatoranyijwe ariko bafite aho bahurira n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda, abayobozi ndetse n'abashinzwe itorero bagize uruhare muri ubu bushakashatsi ni 65 nk'uko bari bateganyijwe bose bagize uruhare nk'abakeshwamakuru kandi bataze amakuru yizewe yuzuye kandi yashingiweho ubushakashatsi ku kwerekana Uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye yo mu Rwanda: Urugero rw'ibigo by'amashuri byatoranyijwe mu Karere ka Nyanza.

| Ibyiciro | Ijanisha | Igiteranyo |
|---|---|---|
| Abayobozi | 67% | 12 |
| Abarimu | 45% | 47 |
| Abatoza | 67% | 6 |

Ubu bushakashatsi kandi bwakorewe ku banyeshuri ijana na babiri (101) ndetse n'abarimu, abayobozi ndetse n'abashinzwe itorero bagera kuri mirongo itandatu na batanu (65). Dushingiye ku byavuye muri ubu bushakashatsi, dukurikije kandi intego z'ubushakashatsi, uko ibisubizo by'ibibazo by'ubushakashatsi byasubijwe, turemeza ko intego twari twihaye zagezweho kandi ko ubushakashatsi bwacu bwasuzumye ibyagombaga gusuzumwa kandi bugera ku makuru afatika

### 3.6. Impamvu y'ihitamo y'ingano y'itsinda nkeshwamakuru

Nyuma yo gusesengura imiterere y'ubushakashatsi, ibibazo n'intego igamije gusubiza ikibazo cy'ubushakashatsi twahisemo kugena ingano y'abakeshwamakuru nshingirwaho inyigo bagaragajwe kuko bashobora gutanga amakuru y'ingenzi kandi nk'uko ubushakashatsi bwabigaragaje batanze amakuru yizewe kandi ahamye. Twakoresheje amakuru y'ubushakashatsi ari mu byiciro bibiri: Hari amakuru shingiro ndetse hakaba n'amakuru y'inyongera yaturutse mu

bushakashatsi bwakoze n'abashakashatsi butandukanye ku itorero n'ururimi rw'Ikinyarwanda mu bihe bitandukanye yafashije mu ikusanyamakuru y'ingenzi kandi afite ireme mu buryo bufasha kugera ku ntego z'ubushakashatsi. Umumaro w'ikoreshwa ry'amakuru shingiro ndetse n'amakuru yingongera muri ubu bushakashatsi ni ugufasha abasomyi kumenya imvano y'amakuru akubiye mu nyandiko y'ubushakashatsi ndetse no kumenya isoko nyayo hagamijwe isesenguramakuru afite ireme mu bushakashatsi.

## 4. Isesenguramakuru Yakusanyijwe

### 4.1 Intangiriro

Uyu mutwe ugamije gusuzuma no gusesengura amakuru yatanzwe n'abanyeshuri, abarimu n'abayobozi bafite aho bahuriye n'uburezi mu turere n'ibigo byavuzwe haruguru hagamijwe kugaragaza imikoreshereze nyyagaragaye mu gihe k'ikusanyamakuru y'ubushakashatsi kuri iyi nyandiko.

### 4.2. Abanyeshuri bagize uruhare mu bushakashatsi

| *Ishuri* | *Ijanisha* | *Igiteranyo* |
|---|---|---|
| *Umwaka wa Kane* | 59.00% | *41* |
| *Umwaka wa Gatanu* | 58.00% | *31* |
| *Umwaka wa Gatandatu* | 47.00% | *30* |
| *Bose* | *55%* | *102* |

Hagendewe ku makuru yatanzwe n'abakeshwamakuru, mu isesengura nk'uko imbonerahamwe iri haruguru ibigaragaza, ubushakashatsi bwakorewe ku banyeshuri 102 bo mu bigo bya College du Christ roi Nyanza na GS HVP Gatagara. Mu nyigo n'amakuru y'ubushakashatsi yari akenewe mu gusubiza intego z'ubushakashatsi, twahisemo ingano y'itsinda nkeshwamakuru iteye itya kuko twari twizeye ko iduha amakuru y'ingenzi asubiza ikibazo cy'ubushakashatsi nk'uko tubigaragaza muri iyi nyandiko y'ubushakashatsi.

### 4.3. Ibisubizo by'abanyeshuri ku bibazo byabajijwe

#### 4.3.1. Ikibazo cya Mbere n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.

#### 4.3.1.1. Imbonerahamwe garagaza ikibazo cya mbere n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru

| *Nomero y'ikibazo* | *Ikibazo* | *Abasubije Yego* | *Ijanisha* | *Abasubije Oya* | *Ijanisha* | *Ababaji jwe bose* |
|---|---|---|---|---|---|---|
| *1.a* | Itorero kuri ubu ryitabirwa n'abahungu, abakobwa,abana n'abakuze. | *101.00* | *99%* | *1* | *1%* | *102* |
| *b.* | Umuntu uhugura abitabiriye itorero yitwa umutoza w'intore. | *102* | *100%* | *0* | *0%* | *102* |
| *c.* | Leta yateganyije amasaha yihariye buri wa Gatatu wagenewe itorero ry'igihugu | *102* | *100%* | *0* | *0%* | *102* |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | mu mashuri ya Leta n'ayigenga mu Rwanda. | | | | | |
| *d.* | Izi zose ni indangagaciro z'umuco dutozwa mu itorero ? - Gukunda igihugu, gukomera ku bunyarwanda, kuboneza imvugo, ubupfura, ubutwari, ubumwe, | *99* | *97%* | *3* | *3%* | *102* |

Muri rusange ikibazo cyarebaga ubumenyi rusange ku itorero n'indangagaciro z'itorero abitabira itorero bigishwa harebwa niba indangagaciro y'imivugire y'ururimi rw'Ikinyarwanda bayizi. Icyagaragaye ni uko bayifiteho amakuru nk'izindi ndangagaciro mu itorero kuko 89 mu banyeshuri 102 bangana 87% babihamije naho 13 bangana 13% bashidikanyije kuriyo ngo kuko batayifiiteho amakuru ahagije, mu gihe k'itorero idakunze kuvugwaho mu biganiro bahabwa n'abatoza babo. Gusa ntitwabura kuvuga ko nubwo umubare munini uvugako uyizi mu ndangagaciro ariko ko nta makuru arambuye atangwa n'abatoza mu itorero kandi yakwiye guhabwa agaciro nk'izindi ndangagaciro na kirazira zihabwa umwanya.

**4.3.2 Ikibazo cya Kabiri n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

**4.3.2.1. Imbonerahamwe garagaza ikibazo cya kabiri n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru**

Nk'uko igaragara abangana na 75% bagaragaza ko ihabwa umwanya muke hafi ya ntawo 17% bo bakavuga ko nta na gake ihabwa imwanya naho 6% bavugako udahagije ku kigero bashobora gusobanura, abandi 2% bagaragaza ko uhagije kuribo ariko hakenewe kongeramo izindi mbaraga kuribo ngo irusheho kwimakazwa. Hashingiwe ku makuru y'ubushakashatsi agaragaza ko idahabwa agaciro ikwiye kuko n'abatoza bayivugaho, ntibayitindaho mu buryo yatanga umusaruro ukwige no kugira ingaruka nziza ku bitabira itorero ngo babashe gukoresha imvugo iboneye bityo hakemurwe ikibazo k'ikoreshwa ry'imvugo zikocamye zikoreshwa.

**4.3.3. Ikibazo cya Gatatu n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru**

**4.3.3.1. Imbonerahamwe garagaza ikibazo cya gatatu n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru**

Iki kibazo cyarebaga umwanya cyane aho 99 bangana na 97% bagaragaje ko umwanya ukwiye kongerwa cyane ko ngo I nyinshi mu ndangagaciro zigwaho zihora zigaruka igihe kirekire, aha bakemeza ko umwanya mu wo kwiga mu itorero uhari uhagije ariko kwimakaza imvugo iboneye ntibyitabweho cyane cyane bavuga ko imvugo zikocamye zikoreshwa na bagenzi babo abakuze bazifata nk'ikinyabupfura gike cy'abubu. Gusa bagaragaza ko ihawe umwanya byabafasha ku menya amagambo bakoresha igihe bavugana n'abakuze, ababayobora ndetse n'andi yabugenewe ku bintu runaka mu gihe bibaye ngombwa ko akenerwa mu biganiro n'imvugo zikoreshwa.

**4.3.4 Ikibazo cya Kane n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

**4.3.4.1 Imbonerahamwe garagaza ikibazo cya kane n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

| Iyo witegereje, wumva cyangwa uganira na mugenzi wawe, hari imvugo zidakwiye/zikocamye ziganza mu biganiro mugirana? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *Yego* | *Ijanisha* | *oya* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *101* | 99% | *1* | 1% |
| Ni abandi uzumvana ko muganira cyangwa nawe bikubaho? | | | | |
| *Igisubizo* | *Ni abandi* | *Ijanisha* | *Ndabyiyumvira* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | 22 | 22% | *80* | *78%* |

Mu biganiro bagirana bo ubwabo bagaragaza ko babyumva cyane kuko 99% ku ijana by'ababajijwe muri ubu bushakashatsi, ndetse 22% bavugako bazumvana abandi ko bavuze ibidakwiye naho abagera kuri 78% bibabaho ariko na bo ngo bashiduka byabaye nta ruhare babigizemo kuko n'ahanini n'ababyeyi ba bamwe bamaze ku byakira ariko iyo bibaye bagerageza ku bacyaha. Iyi ngingo yerekeye iki kibazo k'imvugo zikocamye ziganza bavuga ko hakenewe izindi mbaraga mu guhugurara abantu gukoresha imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda cyane cyane mu itorero kuko nk'anyeshuri batiga indimi ntahandi bakura amahirwe yo kwiga imvugo ikwiye gukoreshwa.

**4.3.5 Ikibazo cya Gatanu n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

**4.3.1.1 Imbonerahamwe garagaza ikibazo cya gatanu n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

| Nk'intore, ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero ubona abatoza babyumva ku kihe kigero ugereranije n'uburyo babashishikariza kunoza imvugo mu itorero? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *Hejuru* | *Ijanisha* | *Hasi* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *26* | *25%* | *76* | *75%* |
| Ese bishyirwa mu bikorwa ku kihe kigero ugereranyije n'izindi ndangagaciro mu masomo y'abitabira itorero? | | | | |
| *Igisubizo* | *Hasi* | *Ijanisha* | *Hejuru* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *81* | *79%* | *21* | *21%* |

Ikigero ahanini cy'abatoza bitewe n'umwanya baharira ibindi bikorwa usanga kiri hasi kuko abagera kuri 75% ku ijana batajya bita ku kunoza imvugo mugihe abageaara kuri 25% bagerageza ku bibutsa ko hari imvugo ikwiye gukoreshwa n'imvugo idakwiye umwana w'umunyeshuri nk'uko babivuga, gusa bakagaragaza ko ari uko idahabwa umwanya nk'uko 81 bangana na 79% ku ijana babigaragagaza bakavugako bagiye babigarukaho kenshi mu itorero byafasha n'abandi usanga bakiri hasi mu mikoreshereze y'imvugo iboneye ururimi rw'Ikinyarwanda nk'ururimi gandondo bumva neza.

**4.4. Abarimu, abayobozi mu bigo by'amashuri ndetse n'abashinzwe itorero bagize uruhare muri ubu bushakashatsi**

Abarimu cyane cyane abigisha indimi n'abandi bigisha andi masomo mu bigo byatoranyijwe ariko bafite aho bahurira n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda, abayobozi ndetse n'abashinzwe itorero bagize uruhare muri ubu bushakashatsi ni 65 nk'uko bari bateganyijwe bose bagize uruhare nk'abakeshwamakuru kandi bataze amakuru yizewe yuzuye kandi yashingiweho ubushakashatsi ku kwerekana Uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye yo mu Rwanda: Urugero rw'ibigo by'amashuri byatoranyijwe mu Karere ka Nyanza.

| *Ibyiciro/Igitsina* | *Ijanisha* | *Igiteranyo* |
|---|---|---|
| *Abayobozi* | 67% | *12* |
| *Abarimu* | 45% | *47* |
| *Abatoza* | 67% | *6* |
| *Bose* | *51%* | *65* |

**4.5. Ibisubizo by'abarimu, abayobozi mu bigo by'amashuri ndetse n'abashinzwe itorero ku bibazo byabajijwe mu buryo bw'iganirabaza.**

**4.5.1. kibazo cya Mbere n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

Ni uwuhe mwihariko w'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda ku banyeshuri biga ikiciro cya Kabiri cy'amashuri yisumbuye?

Kubijyanye n'umwihariko w'itorero w'itorero mu kuboneza imvugo, cyane ko iki kibazo kiri mu bibazo byabajijwe mu buryo bw'iganirabaza abakeshwamakuru batanze ibitekerezo binyuranye. Aho abagera kuri 58 bagera kuri 89% bahuriye kuri izi ngingo: Itorero ritanga uburere bw'inyongera mu buryo nyomatanya muntu n'indangagaciro akwiye gukurikiza hanyuma rikamutandukanya na kirazira, Itorero ritoza kwita ku muco nyarwanda, Itorero rifasha mu mahitamo y'ubuzima bw'utozwa, Itorero mu kwimakaza imvugo iboneye byazamura ukwigenga no kwiganza ku rurimi rw'Ikinyarwanda n'ubupfura. Naho 7 bangana na 11% bagaragaza ko itorero ryagira umumuro urenze uw'uyu munsi riramutse ryongerewe igihe cyateganyijwe. Gusa ikibazo k'igihe si cyo shingiro yo kutita ku mikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itorero ahubwo ubushake buke bw'abatoza cyanecyane bubigiramo uruhare aho bibanda cyane kuri politiki cyane ntibibande ku mikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda kandi ari ingenzi mu kunoza imvugo n'imikoreshereze ibobeye y'Ikinyarwanda muri rusange.

**4.5.2. Ikibazo cya Kabiri n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

| Leta yateganyije amasaha yihariye buri wa Gatatu wagenewe itorero ry'igihugu mu mashuri ya Leta n'ayigenga mu Rwanda. | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *yego* | *Ijanisha* | *Oya* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *65* | *100%* | *0* | *0%* |

| Ni amasaha angahe yagenwe buri wa Gatatu w'icyumweru? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *Abiri (2)* | *Ijanisha* | *Hejuru/Hasi yayo* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *54* | *83%* | *11* | *17%* |

Nk'abashinzwe cyangwa bafite amakuru ku itorero n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda ku bijyanye n'amasaha yagenewe itorero barayasobanukiwe bose bahuriza ku munsi wo ku wa Gatatu ahubwo bakagaragaza ko amasaha akunze guhinduka. Ubu itorero rikoresha amasaha 2 mu gihe yahoze ari atatu ari nayo mpamvu 11 bangana 17% bashidikanya. Mu ikusanyamakuru bigaragazwa ko ku ba umwanya w'itorero mu byukuri uhagije wakorehwa uko uri ariko ikibazo kikaba ariukubwanda ku ndangagaciro zimwe izindi ntizihabwe umwanya nk'imikoreshereshe y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda kandi nayo ari indagagaciro igaragara ko igomba gutozwa abitabira itorero cyane ko ari indangagaciro yafasha abitabira itorero kunoza imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda cyane ko n'abatiga indimi ndetse n'abandi banyarwanda bitabira itorero mu ngeri zinyuranye nk'uko bigaragazwa n'ubushakashatsi.

**4.5.3 Ikibazo cya Gatatu n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru.**

| Iyo witegereje, wumva cyangwa uganira n'abanyeshuri, hari imvugo zidakwiye/zikocamye ziganza mu biganiro iyo babagannye? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *yego* | *Ijanisha* | *Oya* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *6* | *97%* | *2* | *3%* |
| Nk'umutoza w'intore, ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero ubona abatoza bayumva bate namwe murimo ugendeye ku ishyirwa mu bikorwa ryayo? | | | | |
| *Igisubizo* | *Neza cyane* | *Neza* | *Gahoro /yakongererwa ubukangurambaga.* | |
| *Umubare/Ijanisha* | *2 -->3%* | *9 -->14%* | *54 -->83%* | |

| Ese bishyirwa mu bikorwa ku kihe kigero? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *Hejuru* | *Ijanisha* | *Hasi* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *16* | *25%* | *49* | *75%* |

Mu gusubiza iki kibazo basabwaga gufata umwanya no gutekereza kugirango basubize iki kibazo cy'ubushakashatsi batanga amakuru yizewe. Abagera kuri 54 bangana na 83% bagaragaje ko ikigero k'imvumvire kiri hasi gusa nta mpamvu yihariye yagaragajwe ituma iri hasi gusa basaba ubukangurambaga cyane ku bagena bikorwa by'itorero umunsi ku mu nsi kuko bakurikiza ingengabihe yibikorwa biteganijwe bityo byanazamura ishyirwa mu bikorwa ryayo.

**4.5.4 Ikibazo cya Kane n'uburyo cyasubijwe mu ikusanyamakuru**

Ni izihe mvugo zigaragaza zikocamye z'ururimi rw'Ikinyarwanda ziikunze gukoreshwa wumva zikoreshwa n'abanyeshuri iyo babagannye muvugana?

Imikoreshereze y'imvugo iboneye ikoreshwa igomba kuba iboneye mu rwego rw'ububoneramvugo bw'ururimi rw'Ikinyarwanda. Mu guhuza amagambo agize interuro bigira uko bikorwa mu Kinyarwanda bigatanga igisubizo kiboneye. Hari amagambo menshi abantu bajya bakoresha nabi mu nteruro iyo batitaye ku yayabanjirije.

Ingero:

| NTIBAVUGA | BAVUGA |
|---|---|
| Ndavuze ati | Ndavuze nti |
| Arambwiye ti | Arambwiye ati |
| Yavuze uti | Yavuze ati |
| Turavuze ati/uti | Twe turavuze tuti |
| Murambwiye ati/uti | Muratubwiye muti |
| Abagenzi baravuze ati | Abagenzi baravuze bati |
| Mwabigenza ute | Mwabigenza mute |
| Mubigenze utyo | Mubigenze mutyo |
| Wowe sumbwire utyo | Wowe ntumbwire utyo |
| Nyoko siyaje? | Nyoko ntiyaje? |
| Wowe se subona ko ari byiza? | Wowe se ntubona ko ari byiza? |
| Ni we yabimbwiye | Ni we wabimbwiye |
| Ni ge mbikunda | Ni ge ubikunda |

Hari ugukoresha inshinga nabi cyangwa andi magambo bongeraho igice kitari ngombwa cyangwa bagakuramo ikiri ngombwa.

Ingero:

| NTIBAVUGA | BAVUGA |
|---|---|
| Numvishe abivuga. | Numvise abivuga. |
| Ibyavuye mu nama byose yabisheshejeje mu gitondo. | Ibyavuye mu nama byose yabisheshe mu gitondo. |
| Yatangajije ko batsinze. | Yatangaje ko batsinze. |
| Sintaha natize. | Sintaha ntize. |
| Ikintu cyo mbaza. | Ikintu mbaza. |
| Ntiza ku ntebe nicare. | Ntiza intebe nicare. |
| Mpa kuri uwo mwenda nambare. | Mpa uwo mwenda nambare. |
| Ishati yo nameshe. | Ishati nameshe. |
| Ndi Kicukiro. | Ndi ku kicukiro. |
| Ntuye Ruhango. | Ntuye mu rugango. |
| Ngeze Remera. | Ngeze i Remera. |

Iyo witiranyije amagambo yagombaga gukoreshwa cyangwa ugakoresha ataboneye, na byo bigoreka imvugo.

Ingero:

| NTIBAVUGA | BAVUGA |
|---|---|
| Kugendera kimwe. | Kugendera rimwe. |
| Uri uw'iwabo na Marita? | Uri uw'iwabo wa Marita. |
| Imana ibahereze umugisha. | Imana ibahe umugisha. |
| Mukeneye ubusobanuro? | Mukeneye ibisobanuro? |
| Uzahagere mu gatondo. | Uzahagere mu gitondo. |
| Amabwirizwa bahawe bayakurikize. | Amabwiriza bahawe bayakurikize. |
| Nimusoza kuririmba muze mbatume. | Nimurangiza/nimumara kuririmba muze mbatume. |
| Turi mu rugo rw'uyu mujakazi wawe. | Turi mu rugo rw'uyu muja wawe. |
| Uraza uyu munsi? Igo/ego/ingo | Uraza uyu munsi? Yego. |
| Banyuze mu mago menshi babakangurira kwisuzumisha. | Banyuze mu ngo nyinshi babakangurira kwisuzumisha. |
| Amaze kugira amaka menshi. | Amaze kugira inka nyinshi. |
| Dufite amanama menshi y'akazi muri uku kwezi. | Dufite inama nyinshi z'akazi muri uku kwezi. |
| Mu kwezi gushize watashye amakwe angahe? | Mu kwezi gushize watashye ububwe bungahe? |
| Amazi arakonja ntiyibagirwa iwabo wa mbeho. | Amazi arashyuha ntiyibagirwa iwabo wa mbeho. |
| Inkono ihira ikibatsi ntihira ikibariro. | Inkono ntihira ikibatsi ihira ikibariro. |
| Ariho amazi abira. | Ari mu mazi abira. |
| Ubusa buruta ubusabusa. | Ubusabusa buruta ubusa. |

Abakeshwamakuru bagaragaje ko ahanini usibye amagambo amwe n'amwe akoreshwa n'abanyeshuri bakunze gukoresha bo ubwabo bashobora kuba bakwita imvugo z'urungano ariko ikibabaje ari uko birangira abagwatiriye n'iyo barikuvugana n'abandi babakuriye nk'abarimu, abayobozi cyangwa ababyeyi batibuka gukoresha amagambo y'ikinyabupfura yuje imvugo zikocamye no kuvanga Ikinyarwanda n'indimi z'amahanga na byo bihungabanya umwimerere wacyo, ndetse bigatuma akenshi abagenewe ubutumwa butabageraho uko byakagombye. Ibi bikunda kugaragara cyane mu mvugo z'urubyiruko.

Ni ngombwa gukoresha Ikinyarwanda cy'umwimere tutakivanga n'indimi z'amahanga. Kumenya indimi z' amahanga ni ingenzi ku Banyarwanda kuko bazihahisha no gushyikirana n'indi miryango itumva Ikinyarwanda ariko ntizikwiye kumira Ikinyarwanda kuko ururimi rw'Ikinyarwanda ari "Indangamunyarwanda." (Nsanzimana, 2018)

Ingero zimwe na zimwe zikunze gukoreshwa zivanga Ikinyarwanda n'izindi ndimi z'amahanga.

| NTIBAVUGA | BAVUGA |
|---|---|
| Umutica wacu. | Umwarimu wacu. |
| Uyu ni umujama wange. | Uyu ni inshuti yange |
| Ndaza kabisa. | Ndaza rwose. |
| Ibintu ko ari danje turabigenza dute? | Ibintu ko bikomeye turabigenza dute? |
| Izi nkweto ni pirate zahise zicika. | Izi nkweto si umwimerere dore zahise zicika. |
| Nabijugunye kuko byari feke. | Nabijugunye kuko nta gaciro byari bifite. |
| Tonto/anko wange ndamukunda. | Marume/data wacu ndamukunda. |
| Shangazi we yamusuye. | Nyirasenge yamusuye. |
| mami | maamâ |
| dadi | daatâ |

Izindi ngero zagaragajwe yerekeye ikoreshwa ry'imvugo ikocamye mu mwanya wo
gukoresha imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda:

Urugero 1: (mu ishuri)

Umunyeshuri ati:" Amasaha yageze none uracyakomeje kwandi ibindi ndagaswi, nge ndicomokeye."

Urugero 2: (Umunyeshuri wakererewe ushinzwe imyitwarire amubaza impamvu yakererewe)

Umunyeshuri ati:" Rwose uyu munsi naraburije pee! Ariko ni ukubera ijyojyi sinzongera kugwamo rwose."

Urugero 3: (Umunyeshuri mu biro by'umuyobozi)

-Umunyeshuri ati:" Narinje ngo umpe uruhushya."

-Umuyobozi:" Urashaka uruhushya rwo kujya he?"

-Umunyeshuriati:" Hari diru nari mfitanye na mukuruwange kandi sinshaka ko araburiza."

Urugero 4:(Abanyeshuri na Mwarimu mu ishuri)

-Umwarimu: Ejo muzazinduke dukosorere hamwe uyu mukoro wo murugo. Hari ikibazo?

-Abanyeshuri: Ntaribi tuzabana. (aho kuvuga ko ntakibazo bazabikora.)

Dushingiye ku makuru twabonye kuri iyi ngingo hano twabonye ingero 37 z'imikoreshereze y'imvugo nk'izi zivuye kuri uru rwego rw'abakeshwamakuru.

Aha hagaragajwe zimwe mu mvugo zikunze gukoreshwa n'amagambo agera ku 263 akoreshwa kenshi ndetse bigaragara ko nta gikozwe ashobora gufatwa nk'amenyerewe byagira ingaruka ku mwimerere w'Ikinyarwanda.

Ingero z'amagambo amwe n'amwe yagaragajwe:-Gupfusha bashaka kuvuga kureka, gupofoka bashaka gusobanura kureba ukanyurwa, kuzungira bashaka gusobanura gusubiza ikintu wahawe, Ntaribi bashaka gusobanura ko ntakibazo, ibono bishatse kuvuga umuntu mudahuje imyumvire, gukwakwanya bishatse kuvuga kugira vuba, gukoma bivuga gutsinda undi, kwikaranga bashaka kuvuga gukora cyane, ibima bivuga amafaranga, kurasira bishaka kuvuga kubwira umuntu, kuba insazi bivuga ko ibintu bitoroshye, icyuki bashaka kuvuga umukobwa mwiza, gutera injuga: kubeshya, injuga: ikinyoma. Ndetse n'andi arimo: ipengeri, dagaswi, ikiyoge, Kugigira-umugigiro,

diro, kuraburiza, kugwakawo, ibikari, icyangwe, gucomoka, abaji, gutwika, kujya ku cyangwe, ijyojyi, ikigufuri, ...

Indimi tuvuga ni kimwe mu bimenyetso by'ubwenegihugu bwacu. Hamwe n'ibindi bintu nk'umuco gakondo, imigenzo n'ubuzima bwacu bya buri munsi, indimi zirema ishusho nyayo igaragaza abo turibo, twebwe tuzivuga. Ni muri uwo mujyo, mu Bushinwa, ururimi narwo rufatwa nk'igice cy'ingenzi cy'imyumvire ikomeye yo kuranga igihugu mu bihugu byinshi. Abashakashatsi benshi (Anderson, 1983) nabo bashyigikiye uruhare rukomeye indimi zigira mu gikorwa cyo kubaka igihugu.

**5. Ibyagaragajwen'ubushakashatsi**

Iyi nyandiko y'ubushakashatsi yari igamije kugaragaza uruhare rw'itorero mu kwimakaza imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda. Gusesengura impamvu y'imikoreshereze y'imvugo zikocamye no kugaragaza ingaruka z'imikoreshereze y'imvugo zikocamye ndetse n'ingamba zafatwa mu ikemurwa ry'ikibazo. Ubu bushakashatsi bufite intego rusange yo kwerekana uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda. Ikibazo kigomba gusuzuma niba itorero hari uruhare ryagira mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda.

Hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe mu ikusanyamakuru abanyeshuri by'umwihariko nk'abakeshwamakuru basabwe ingingo n'ibitekerezo bifasha gusuzuma niba koko hari uruhare itorero ryagira mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye. Kuri iyi ngingo, abemeje ko ryagira uruhare bangana 97 ku ijanija ringana na 95.1% mu gihe abifashe ari 5 ku ijanisha ringana na 4.9%. Byadufashisheje gusesengura ingingo zisobanura ibitekerezo byabo. Zimwe mu ngingo zishyigikira ibyo bitekerezo zigaragaza uburyo itorero ryafasha mu kwimakaza imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda:

Kwibanda ku buryo bwo kuvuga neza, kurinda ko hari amagambo cyangwa imvugo ishobora kugira ingaruka mbi.
Kwigisha cyangwa kuganira mu buryo buha agaciro ururimi n'umuco, no gukoresha imvugo iboneye ku rwego rwa sosiyete.
Gufasha abantu kumenya neza uburyo bwo kuvuga no kwandika mu Kinyarwanda. Ibi bishobora gukorwa mu mashuri, mu bikorwa by'itorero, cyangwa mu miryango y'uburezi.

Kumenya ururimi ku ngingo y'imvugo iboneye no gukosora amakosa mu mikoreshereze y'ururimi.
Kwimakaza umuco w'imvugo iboneye mu buzima bwa buri munsi, mu biganiro, mu nyandiko, ndetse no mu bikorwa bya buri munsi.

Gushyigikira Umuco: Ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha mu kubungabunga no kwimakaza umuco nyarwanda. Rwifashishwa mu bikorwa by'ubuhanzi, umuziki, imbyino, n'ibindi, bigafasha gukomeza kubungabunga no gusigasira umuco wacu.

Guhuza Abantu: Gukoresha ururimi rw'igihugu bituma abantu bumvikana neza, bagahuza mu buryo bworoshye, bityo bigatuma imibanire hagati yabo ibe myiza.

Kwigisha no Gutoza: Ururimi rw'Ikinyarwanda ni isoko y'ubumenyi mu mashuri no mu bindi bikorwa byo kwigisha. Bifasha mu gusobanurira abantu ibitekerezo, inyigisho, n'ibindi bikorwa by'uburezi.

Gukemura Ibibazo: Mu gihe cyo gukemura ibibazo, ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha mu gutanga ibisobanuro, no gukora ibiganiro bifite intego yo gushakira ibisubizo ku bibazo bihari.

Guharanira Uburenganzira n'Ubwigenge: Gukoresha ururimi rwacu ni uburyo bwo kugaragaza ubwigenge n'uburenganzira bwacu nk'igihugu. Bifasha mu kubaka isura yacu no kurengera indangagaciro zacu.

Kwandika no Gukora Ubushakashatsi: Ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha mu gukora ubushakashatsi no kwandika inyandiko zitandukanye.

Kubungabunga Ikinyarwanda: Ukoresheje ururimi rw'Ikinyarwanda mu buzima bwa buri munsi, bituma ururimi rwacu rugumana agaciro, rutitera imbere, kandi rugakomeza kuba igikoresho gikomeye mu mibereho y'abanyarwanda.

Gukora Imikoranire myiza: Ururimi rw'Ikinyarwanda rwifashishwa mu gukora ibikorwa byo gutanga amakuru, gukora ibiganiro, ndetse no gukora imikoranire myiza mu rwego rwa politike n'ubukungu.

Abarimu abayobozi, n’abashinzwe itorero ku mashuri bagize uruhare muri ubu bushakashatsi ntibashidikanya kuruhare rw’itorero mu kwimakaza indangagaciro y’imvugo iboneye y’ururimi rw’Ikinyarwanda mu burezi bw’ibanze bw’u Rwanda kuko 63 banga na 96.9% uretse 2 bangana na 3.1% bagize ingorane batatanze ibitekerezo kuri iyi ngingo, bagaragaje kandi ngingo z’imibereho mu buzima rusange, uburezi n’uburere. Bavuga ko Itorero ku gukomera ku kuboneza imvugo y’Ikinyarwanda bigira uruhare ruziguye cyangwa rutaziguye ndetse byanafasha umunyeshuri kwibona mu bwiciro by’ubuzima:

Kwigisha imyitwarire: rifasha mu kwigisha intore uburyo bwo kugira imyitwarire myiza, kuba inyangamugayo, no kugira indangagaciro z'uburere. Kugira uruhare mu iterambere: intore zigira uruhare mu bikorwa by'iterambere rya sosiyete, kugira ngo babashe gukoresha neza ibyo bize. Imyitwarire myiza: rifasha intore gukurikiza imyitwarire myiza mu myigire yabo, bikabafasha kuba abanyeshuri beza no kuba abanyamwuga beza mu buzima bwabo. Kwimakaza ubumenyi: gushimangira ibitekerezo byiza, imyigire inoze no kwigisha intore uburyo bwo gukoresha neza ibikoresho n'ubumenyi mu rwego rw'uburezi. Uburyo bwo gutanga isomo: ryigisha intore uburyo bwo gutanga amasomo mu buryo bwiza, bukubiyemo uburyo bwo gutanga inyigisho zisobanutse kandi zinoze. Imiyoborere n'imicungire: Rigafasha intore kumenya uko bayobora amasomo, gukora igenzura ry'inyigisho no gucunga ibikoresho byo mu ishuri mu buryo buboneye kandi bikagaragazwa mu mvugo idakocamye yumvikana neza mu gihe hatangwa raporo.

Kubungabunga umuco: rifasha intore kumenya no kubungabunga umuco nyarwanda mu burezi, bityo bakabasha gushyira mu bikorwa inyigisho zubaka igihugu. Kwimakaza indangagaciro: kwimakaza indangagaciro z’igihugu n'umuco mu mashuri ku buryo abanyeshuri biga bagamije kuba abayobozi beza. Imikoranire n'inzego: rifasha mu gukora imikoranire myiza hagati y'inzego z'uburezi, abafatanyabikorwa, n'ababyeyi, bigatuma uburezi bugera ku ntego zifuzwa. Kwagura

amahirwe: kongera amahirwe yo kubona uburezi bufite ireme, no gufasha mu gushaka ibisubizo ku bibazo by'uburezi. Kwigisha umutekano: byafasha intore kumenya uburyo bwo kubungabunga umutekano mu mashuri no mu bindi bikorwa by'uburezi. Ubuzima bwiza: kwigisha intore uburyo bwo kwita ku buzima bwabo no gufasha abanyeshuri kugira ubuzima bwiza.

Intego ya mbere yagombaga gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'intego y'imikoreshereze y'imvugo iboneye mu rurimi rw'Ikinyarwanda mu itorero. Ikibazo cyagombaga gusuzuma uburyo intego y'imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itorero ry'Igihugu ishyirwa mu bikorwa n'umwihariko witorero ku kuboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

Kubijyanye n'umwihariko w'itorero w'itorero mu kuboneza imvugo, cyane ko iki kibazo kiri mu bibazo byabajijwe mu buryo bw'iganirabaza abakeshwamakuru batanze ibitekerezo binyuranye. Aho abagera kuri 58 bagera kuri 89% bahuriye kuri izi ngingo: Itorero ritanga uburere bw'inyongera mu buryo nyomatanya muntu n'indangagaciro akwiye gukurikiza hanyuma rikamutandukanya na kirazira, Itorero ritoza kwita ku muco nyarwanda, Itorero rifasha mu mahitamo y'ubuzima bw'utozwa, itorero mu kwimakaza imvugo iboneye byazamura ukwigenga no kwiganza ku rurimi rw'Ikinyarwanda n'ubupfura. Naho 7 bangana na 11% bagaragaza ko itorero ryagira umumuro urenze uw'uyu munsi riramutse ryongerewe igihe cyateganyijwe. Gusa ikibazo k'igihe si cyo shingiro yo kutita ku mikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu itorero ahubwo ubushake buke bw'abatoza cyanecyane bubigiramo uruhare aho bibanda cyane kuri politiki cyane ntibibande ku mikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda kandi ari ingenzi mu kunoza imvugo n'imikoreshereze ibobeye y'Ikinyarwanda muri rusange.

Intego ya kabiri kwari ukugaragaza imyumvire y'abashinzwe itorero ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero. Ikibazo cyagombaga gusuzuma imyumvire y'abashinzwe itorero ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero (yagomaba gusuzumwa hagendewe ku kigero indagagaciro yo kuboneza imvugo ishyirwa mu bikorwa ugereranyije n'izindi mu itorero).

| Nk'intore, ku byerekeye uburyo bwo kwigisha imvugo iboneye abitabira itorero ubona abatoza babyumva ku kihe kigero ugereranije n'uburyo babashishikariza kunoza imvugo mu itorero? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *Hejuru* | *Ijanisha* | *Hasi* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *26* | *25%* | *76* | *75%* |
| Ese bishyirwa mu bikorwa ku kihe kigero ugereranyije n'izindi ndangagaciro mu masomo y'abitabira itorero? | | | | |
| *Igisubizo* | *Hasi* | *Ijanisha* | *Hejuru* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *81* | *79%* | *21* | *21%* |

Ikigero ahanini cy'abatoza bitewe n'umwanya baharira ibindi bikorwa usanga kiri hasi kuko abagera kuri 75% ku ijana batajya bita ku kunoza imvugo mugihe abageaara kuri 25% bagerageza ku bibutsa ko hari imvugo ikwiye gukoreshwa n'imvugo idakwiye umwana w'umunyeshuri nk'uko babivuga, gusa bakagaragaza ko ari uko idahabwa umwanya nk'uko 81 bangana na 79% ku ijana babigaragagaza bakavugako bagiye babigarukaho kenshi mu itorero byafasha n'abandi usanga bakiri hasi mu mikoreshereze y'imvugo iboneye ururimi rw'Ikinyarwanda nk'ururimi gandondo bumva neza.

Intego ya gatatu ukwerekana umumaro w'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri ku burezi bw'ibanze bw'u Rwanda. Ikibazo kigasuzuma niba koko gukoresha'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mashuri ku burezi bw'ibanze bw'u Rwanda hari icyo bimaze. Hagaragajwe imimaro myinshi kandi yihari yo gukoresha imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda ku burezi bw'ibanze bw'u Rwanda. Dufashe nk'urugero rw'ikibazo cyabajijwe mu ikusanyamakuru n'uburyo cyasubijwe nyuma yo kugaragaza ko indagagaciro yo kuboneza imvugo idahabwa agaciro cyane mu itorero bitewe n'abatoza nabo badasobanukiwe cyangwa badafite amakuru ahagije ku rurimi rw'Ikinyarwanda ndetse n'inozamvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda, twagaragaje umumaro w'imvugo iboneye nk'uko byasobanuwe mu bice bibanza.

| a) Kuri wowe ubona indangagaciro yo kuboneza imvugo ikwiye kongererwa umwanya? | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Igisubizo* | *yego* | *Ijanisha* | *Urahagije* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *99* | *97%* | *3* | *3%* |
| b) Ese ubona ihawe umwanya ikarushaho kwimakazwa yagira uruhare ku kuzamura ikigero cy'abakoresha imvugo iboneye? | | | | |
| *Igisubizo* | *yego* | *Ijanisha* | *Oya* | *Ijanisha* |
| *Umubare/Ijanisha* | *102* | *100%* | *0* | *0%* |

Iki kibazo cyarebaga umwanya cyane aho 99 bangana na 97% bagaragaje ko umwanya ukwiye kongerwa cyane ko ngo i nyinshi mu ndangagaciro zigwaho zihora zigaruka igihe kirekire, aha bakemeza ko umwanya mu wo kwiga mu itorero uhari uhagije ariko kwimakaza imvugo iboneye ntibyitabweho cyane cyane bavuga ko imvugo zikocamye zikoreshwa na bagenzi babo abakuze bazifata nk'ikinyabupfura gike cy'abubu. Gusa bagaragaza ko ihawe umwanya byabafasha ku menya amagambo bakoresha igihe bavugana n'abakuze, ababayobora ndetse n'andi yabugenewe ku bintu runaka mu gihe bibaye ngombwa ko akenerwa mu biganiro n'imvugo zikoreshwa. Nko **Kwimakaza indangagaciro z'umuco no kwirinda kirazira zibangamira iterambere, imikoranire n'inzego, imyitwarire myiza, gusigasira Ikinyarwanda,** Kwimakaza umuco w'imvugo iboneye mu buzima bwa buri munsi, mu biganiro, mu nyandiko, ndetse no mu bikorwa bya buri munsi

## 6. Umumaro w'ubushakashatsi

Gukoresha imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda bigira umusanzu n'umumaro ku ngeri zinyuranye yaba abana, urubyiruko abakuru, abize n'abatarize ndetse no gukemura byibazwa n'abakoresha impamvu umunyeshuri arangiza amashuri agikoresha imvugo zikocamye mu biganiro n'abandi kandi yakwiye kuba akoresha imvugo iboneye yubaha inzego z'ururimi n'abavugana, igaragaza ikinyabupfura (RALC, 2015).

Iyi nyandiko y'ubushakashatsi izafasha abanyeshuri kwita ku mikoreshereze y'imvugo iboneye y'Ikinyarwanda no kuyikoresha bityo bikazafasha mu itumanaho ryiza no kugera ku ntsinzi mu myigire. Kinyarwanda ni ururimi rw'Igihugu kandi rufite uruhare runini mu burezi. Iyo abanyeshuri bashoboye gutanga ibitekerezo byabo neza kandi neza mu Kinyarwanda bibafasha kumva amasomo neza, kugirana ibiganiro byiza n'abarezi. Ibi bituma abanyeshuri badashobora gusa kwiga neza

ibikubiye mu masomo yabo ahubwo banagira ubushobozi bwo gutera imbere mu bindi bice by'ubumenyi byubaka ubumenyi n'ubushobozi ku ikoreshwa ry'indimi.

Iyi nyandiko izafasha kandi uretse gutsinda amasomo, gukoresha imvugo bazarushaho gukunda no kumenya umuco wabo. Ururimi rufitanye isano rikomeye n'umuco kandi kuvuga Kinyarwanda neza bituma abanyeshuri bagumana isano n'imigenzo, ibivugwa, n'indangagaciro bakanagira uruhare mu kubungabunga ururimi nk'urubyiruko rw'ejo hazaza. Hanze y'ishuri, gukoresha imvugo iboneye nabyo ni ingenzi ku iterambere ry'umuntu n'imibanire myiza. Iyo abanyeshuri bakoresha Kinyarwanda neza hanze y'ishuri, barushaho kugirana umubano mwiza n'imiryango yabo. Itumanaho ryiza ni ryo shingiro mu kubaka ikizere, gukemura amakimbirane no gufatanya mu buryo bufatika kandi bigira uruhare mu mikurire n'iterambere ry'umunyeshuri igihe ari ku ishuri no hanze y'ishuri.

Iyo abanyeshuri bakoresha imvugo igaragaza ubumenyi n'icyubahiro mu Kinyarwanda, biga, bumva agaciro ko kumva, gusobanura no kugaragaza ibitekerezo mu buryo bwubaha abandi kandi buboneye imvugo butanzwemo. Ibi bizatuma habaho kubaha no guha agaciro abandi, umuryango wubakiye ku bwubahane. Uko gukoresha imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda bifasha abanyeshuri kutigirira inyungu gusa ahubwo n'umuryango muri rusange ukungukira muri ubwo buryo bw'imikorere.

## 7. Icyuho Mu Byasomwe N'uburyo Bwo Kuziba Icyuho Cyagaragaye Mu Bushakashatsi

### 7.1 Icyuho mu byasomwe

Ikinyarwanda nk'ururimi, rufasha kugera ku iterambere muri politiki, ubukungu, imibereho myiza n'umuco by'abanyarwanda. Guhuza ururimi ni ibikenewe n'Abanyarwanda mu rwego rw'imikoreshereze y'imvugo iboneye ndetse n'isi turimo muri iki gihe bihora bihinduka, hashyirwaho inzego z'imikoresherezwe yacyo zizwi ndetse kigashyigikirwa. Ikinyarwanda ni ururimi rw'igihugu kikaba kandi kinakoreshwa mu nzego z'ubuyobozi bw'u Rwanda (Rurangirwa, 2012).

Mbere yo kumva ururimi rero, umuntu agomba kubanza kumenya umuco w'abaruvuga. Kurwiga bigasaba kwiga umuco w'abenerurimi. Mu Rwanda hari ubushakashatsi bwakozwe ku myigire n'imyigishirize y'indimi bugamije kugaragaza akamaro k'ururimi mu burezi. Bumwe muri ubwo bushakashatsi bwakozwe na Ntakirutimana, Williams, Nayimfashe na O'Sullivan (2004), bagamije gusuzuma ubushobozi bwo gusoma no gusobanura ibyasomwe mu ndimi zakoreshwaga mu mashuri.

Gabriel (2018), agaragaza ko ururimi n'umuco mu muryango runaka w'abavugarurimi izo ngeri zitagomba gutandukana aho ku rupapuro rwa Gatandatu atanga urugero rw'ikinyarwanda kivugwa mu majyaruguru n''Ikinyarwanda gikwira. Kuri iyi ngingo Umushakashatsi Nsanzabiga, E. (2012) Mu nshamake ye yerekana ko Ikinyarwanda ari ururimi rukomeye, rukize ariko kandi rwibasiwe cyane n'indimi z'amahanga zarwivanzemo. Gusa ikibazo si indimi z'amahanga n'ubwo ziteza ingorane iyo zitagenzuwe uburyo cyanecyane iyo ukoresha ururimi atita ku rurimi rukoreshwa. Nkuko bigaragazwa n'umushakashatsi (Mukama & Nkusi, 2019).

Mu nyandiko y'ubushakashatsi "Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu" cyanecyane ku rupapuro rwa 32. Agaragaza uko umuhanga mu iyigandimi Vygotsky, asobanura ko ururimi rushora imizi mu muco. Yemeza kandi ko ururimi ari umusingi wo kwiga. Mu muco w'u Rwanda Itorero bwari uburyo bw'imyigire bugereranywa n'imyigire igezweho ubu

mu mashuri yisumbuye ku bahungu, ibyasabwaga kugirango wemererwe kujyayo byari bimwe nk'imyaka, ikigero cy'ubumenyi runaka, ukemererwa kwiga ubayo, imyifato ikwiye, kunoza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda bibategura kuba abayobozi b'Igihuhugu, ikinyabupfura n'ibindi nk'uko bigaragara mu nyandiko ngenga igaruraho itorero 2011(NIC, 2011).

Muri usange, ururimi ni uruhurirane rw'amajwi atanga amagambo abavugana bakurikiranya babwirana ibintu bakumvikana. Ayo majwi kandi ashobora gushushanywa abantu bakandikirana.Iyo bavuze ijambo "Ikinyarwaanda" umuntu ahita yumva ururimi rushingiye mu Rwanda rugasagukira mu bihugu bihana imbibi na rwo. Ijambo Ikinyarwanda rivuga kandi uruhurirane rw'imvugo zo mu Rwaanda zumvwa n'abazivuga batagombye abasemuzi, ari na cyo gituma izi za nyuma bizita inshami, nk'îkirêera n'îkigoyi. Ururimi ruhindura imiterere uko ibihe bigenda bisimburana, rukiyongeramo amagambo amwe ari na ko rugenda rureka andi uko imigenzereze, imyifatire, ubumenyi n'ikoranabuhanga bigenda bihinduka (Bizimana, 1997).

Nassenstein (2015) imvugo y'Umuhanda (youth language practices in Kigali-Rwanda). Agaragaza ko mu Rwanda bitandukanye n'izindi mvugo z'urubyiruko rw'Afurika aho usanga batita ku mivugirwe isanzwe y'ijambo. Avuga ko imikoreshereze y'imvugo y'umuhanda hari aho bakoresha irindi rangururamajwi ritandukanye n'irimenyerewe ndetse rimwe narimwe kandi kenshi bagahindura ijambo ryose bo usanga bumvikana neza (Nassenstein, 2015).

Mu nyandiko nyobora bushakashatsi zakozwe ku ngingo y'urimi rw'Ikinyarwanda ndetse n'itorero mu muco nyarwanda, zigaruka ku mumaro w'ururimi, uruhare rw'itorero mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge nyuma ya Jenoside, imvugo z'umuhanda, imvugo zihariye z'urubyiruko zerekeye ururimi rw'Ikinyarwanda. Ariko twasanze ntayigaruka ku buryo bwo kunoza imvugo y'ururimi rw'Kinyarwanda ni ubwo zimwe muri izo nyandiko z'ubushakashatsi zigaragaza ko Ikinyarwanda cyugarijwe. Ibi byaduteye gukora ubu bushakashatsi mu rego rwo gesesengura no kugaragaza uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro cya Kabiri cy'amashuri yisumuye mu burezi bwibanze bw'u Rwanda.

### 7.2. Uburyo bwo kuziba icyuho cyagaragaye mu bushakashatsi

Hashingiwe ku makuru yagaragajwe n'ubu bushakashatsi, twasomye inyandiko zitandukanye zifite aho zihuriye n'insanganyamatsko twahisemo ariyo uruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bwibanze bw'u Rwanda, twakusanyije amakuru ahagije mu bigo byatoranyijwe gukorerwamo uyu murimo w'ubushakashatsi mu kiciro twakoreyemo ubu bushakashatsi ndetse tuyasesengurana ubushishozi. Nyuma y'isesenguramakuru yagaragajwe n'itsinda nkeshwamakuru, Twagaragajwe ibigomba gusuzumwa ndetse n'ibyifuzo ku nzego zifiteho zihuriye n'itorero ry'igihugu nka MINUBUMWE, inzego nka MINEDUC, abashakashatsi n'abandi bafite aho bahuriye n'ururimi rw'Ikinyarwanda. Ikindi twausesenguye amakuru yagaragajwe n'ubushakashatsi tugaragaza ibyifuzo byatanzwe n'abarimu ndetse n'abashinzwe itorero ku cyakorwa hagamijwe kunoza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

Mugusoza twatange inama ku cyakorwa mu rwego ro kunoza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bwibanze bw'u Rwanda nko gukunda gukoreshwa kenshi Ikinyarwaanda, gukurikirana imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwaanda mu mashuri ya Leta , ayigenga ndetse n'amashuri mpuzamahanga akorere mu mu Rwaanda ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ry'intego yo kuboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu Itorero .

Ubu bushakashatsi bwerekana imbogamizi abatoza, abarimu n'abanyeshuri ari nabo ntore (abatozwa) bahura nazo mugihe bavuga Ikinyarwanda nk'indangagaciro yo kuboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda iboneka mu itorero kimwe n'izindi idahabwa umwanya uhagije ngo yibandweho kimwe n'izindi ngo abatozwa barusheho kwagura ubumenyi n'ubushobozi ku mikoreshereze y'imvugo iboneye ururimi rw'Ikinyarwanda, Kuba abatoza batazi ururimi rw'Ikinyarwanda nabo (Aha hatangwa inama ko abarimu bigisha Ikinyarwanda bagira uruhare mu kwigisha iyi ndangagaciyo yo kuboneza imvugo y'Ikinyarwanda), binagira impinduka nziza ku guhindura imyumvire y'abashinzwe itorero ku ngingo y'imikoreshereze y'imvugo iboneye mu itorero kuko nk'uko byagaragajwe mu ikusanyamakuru, usanga abashinzwe itorero bibanda ku ndangagaciro zirebana na politiki, ibijyanye no kuboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda ntibyitabweho n'ibindi. Ibi biri mu byatumye duhitamo kubukora nka bumwe mu buryo bwo kuzima icyuho cyagaragajwe mu bundi bushakashatsi bwakozwe mbere.

## 8. Umwanzuro

Iyi nyandiko y'ubushakashatsi bwigaga ku ruhare rw'itorero mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda bushingiye ku bipimo by'amakuru yagaragajwe mu ikusanyamakuru, bwagaragaje ko mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda, byumwihariko mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye twakoreyemo ubushakashatsi ko hari ikibazo k'imikoreshereze y'imvugo zikocamye hasuzumwa impamvu zizitera ndetse bwerekana n'ingaruka zishobora guterwa no kutita ku mikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Impamvu zagaragajwe zashimangiye izari mu nkeko twari dufite mbere yo gutangira ubu bushakashatsi. Ubu bushakashatsi rero bwatanze umusanzu wo kugaragaza icyakorwa ngo ikibazo k'imikoreshereze y'imvugo zikocamye gikemuke; bugira inama zinyuranye abarebwa n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda kurushaho kwimakaza imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda hagamijwe kurushaho ku gikungahaza no kugisigasira nk'ururimi gakondo aho kugwingizwa n'abenerwo, ahubwo rukarushaho kwanda ndetse rukaba mpuzamahanga.

Nyuma y'isesenguramakuru y'ubushakashatsi no kubona igitera ikoreshwa ry'imvugo zikocamye z'ururimi rw'Ikinyarwanda no kubona ko rigira ingaruka ku mwimerere n'agaciro k'ururrimi rw'Ikinyarwanda ku benerurimi, hatanzwe ibyifuzo binyuranye ku ikemurwa ry'ikibazo k'imikoreshereze y'imvugo zikocamye/zitubaha inzego z'abavugana mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Hibandwa ku kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu rwego rwo kubungabunga umwimerere n'agaciro k'Ikinyarwanda ku banyarwanda n'abanyamahanga bakivuga.

## 9. Funding

This research paper received no internal or external funding

## 10. Ibyifuzo n'ingamba byabakeshwamakuru

Abakeshwamakuru bifuje ubukangurambaga ku kunoza imvugo y'Ikinyarwanda aho ari ho hose hibandwa ku mikoreshereze y'amagambo aboneye imvugo bitewe n'abavugana, ikindi hari amagambo yabugenewe ku bikoresho, imirimo, ahantu, abantu, amatsinda nabyo bikongerwamo imbaraga kugira ngo birusheho kumenyekana no gukoresha. By'umwihariko basaba abashinzwe

itorero kongera no guha umwanya uhagije itozwa ry'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda abitabita itorero.

**10.1. Ibyifuzo n'ingamba bigenewe abashinzwe uburezi**

Dushingiye ku makuru yavuye muri ubu bushakashatsi bigaragara ko Ikinyarwanda kidahagurukiwe ngo kitabweho cyanecyane imvugo zikoreshwa, hatabayeho kwita ku ndimi z'amahanga gusa, byarangira Ikinyarwanda nk'ururimi ruhuza abanyarwanda rugize ihungabana rikomeye. Ururimi kavukire nk'ururimi rw'intekerezo imwe, abaruvuga babaramo bakanatekerezamo (Orekan, 2022).

Bityo twifuza ko hashyirwaho integanyanyigisho y'ihariye ireba imikoreshereze iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu rwego rwo gushyigikira Ikinyarwanda cyane kuva mu mashuri y'inshuke umunyeshuri yiga mu itorero mu mashuri ya leta ndetse n'amashuri yigenga akorera mu Rwanda afitanye imikoranire na leta.

Ikindi k'ingenzi cyakongerwaho ni amahugurwa agenewe abarimu kwita cyane ku Kinyarwanda cyo rurimi kavukire no kurushaho gutegura ibikorwa bikundisha abana Ikinyarwanda.

**10.2. Ibyifuzo bigenewe Minisiteri y'ubumwe bw'Abanyarwanda n'uburere mboneragihugu.**

Hashingiwe ku byagaragajwe n'ubushakashatsi Minisiteri y'ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano mboneragihugu inabarirwamo inteko nyarwanda y'ururimi n'umuco ikwiye kongera ingamba mu bijyanye no kuboneza imvugo y'Ikinyarwanda haba ku nsakazamajwi (radiyo), insakazamajwi n'amashusho (televiziyo), ibinyamakuru no guhwitura abakoresha imbuga nkoranyambaga, gushishikarira gukoresha imvugo iboneye cyane ko imbugankoranyambaga zitungwa agatoki mu kwica Ikinyarwanda ku kigero cyo hejuru binyuze mu igenzurwa ry'ibiganiro bitambuka kuri izo mbugankoranyambaga zisa n'izigezweho zitabirwa kandi zikanakoreshwa ku bwinshi. Ibi byakorwa bakoranye n'Ikigo gishinzwe itangazamakuru rya leta n'iry'igenga.

Si inteko nyarwanda y'ururimi n'umuco ibarirwa muri Minisiteri y'ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano mboneragihugu gusa ahubwo hanabarirwamo itorero ry'igihugu. Itorero ry'igihugu rifite inshingano zo kwita no kwigisha indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, muri izo ndangagaciro kandi harimo ingangagaciro yo "Kuboneza imvugo" y'ururimi rw'Ikinyarwanda, bityo hifuzwa ko hashyirwamo imbaraga no kongera umwanya mu kwimakaza imikoreshereze y'imvugo iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi bw'ibanze bw'u Rwanda.

Nk'uko byagaragajwe n'ibyavuye mu isesenguramakuru y'ubushakashatsi yatanzwe n'abakeshwamakuru banyuranye bagize uruhare muri ubu bushakashatsi ni uko iyi ndangagaciyo yo kuboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda ititabwaho cyango ihabwe umwanya uhagije kandi nk'uko byagaragajwe ihawe umwanya yakemura ikibazi k'imikoreshereze y'imvugo ikocamye y'ururimi rw'Ikinyarwanda cyagaragajwe.

**10.3. Ibyifuzo n'ingamba bigenewe abandi bahakashatsi**

Hagendewe ku makuru yavuye muri ubu bushakashatsi agaragaza ko kutaboneza imvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda bigira ingaruka haba ku Kinyarwanda ubwacyo ndetse n'abenerurimi (Abanyarwanda) cyangwa abandi bakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda cyane ko Ikinyarwanda kitavugwa n'Abanyarwanda gusa hifuzwa rero ko abantu bakangukira kwita ku mikoreshereze

iboneye y'imvugo iboneye y'Ikinyarwanda, bayikoresha neza, bakoresha amagambo aboneye ndetse yita ku nzego z'ururimi rw'abavugana kandi yuje Ikinyabupfura ngengarurimi,mu biganiro bya buri munsi kuko byatuma abato bakura bazi ndetse barakenetse Ikinyarwanda.Tunashishikariza abashakashatsi gukangukira no gukora ubushakashatsi ku icuramagambo mashya ndetse no gufatanya n'inzego zinyuranye mu kwagura imirongo migari y'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu rwego rwo kugikungahaza.

Tuboneyeho no kwagura imbago z'ubu bushakashatsi dukangurira abashakashatsi bagenzi bacu kwiga ku kibazo k'imikoreshereze y'imvugo zikocamye zitabaha abavugana mu rurimi rw'Ikinyarwanda ndetse n'ahandi twe tutageze no gukora ubushakatsi ku icuramuga, imyandikire ndetse n'ikeshamvugo y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Indangasoko**


1. Samuelson, B. L., & Freedman, S. W. (2010). Language policy, multilingual education, and power in Rwanda. *Language policy*, *9*, 191-215.
2. UNESCO (2002). Teaching and learning for a sustainable future: *A multimedia Education programme* (CDROM). ParisAuthor. www.unesco.org/education/tlsf/index.html
3. Gabriel, B. (2018). A synchronic approach to kinyarwanda variation among its native speakers. *International Journal of Linguistics, Literature and Culture*, 4(3), 38-45. https://sloap.org/journals/index.php/ijllc/article/view/174
4. Charmeaux, E. (1975). La lecture à l'école, Cédix, Paris.conférence des ministres de l'education des etats d'expression française,1986, Promotion et intégration des langues nationales dans les systèmes éducatifs, Librairie Honoré Champion, Paris.
5. Anderson, B. (1983). Imagined Communities: Reflections on the Origin and Spread of Nationalism. Verso.
6. Honna, N. (2006). Language policy in Japan: The case of Japanese in education. *Journal of Japanese Language and Culture*, 18(1), 45-67.
7. Hitchcock, R. K. (2002). Rwanda: History of a genocide. Longman, 91-97.
8. Prah, K. K. (2014). Ururimi n'Uburezi muri Afurika *"Ubushakashatsi ku Muco" n'Ururimi*.Université ya Cape Town.
9. Dahlmanns, E. (2017). Neue Gemeinschaft, alte Tradition: Der Intore-Krieger und die Neugestaltung der Nation Itorero ry'Igihugu. In *Die Einheit der Kinder Gihangas*. Leiden, The Netherlands : Brill.
10. Kane, T. (2013). Arabic Grammar: A First Workbook. Cambridge University Press.
11. D'hertefelt, M. (1941), Les clans du Rwanda ancien. Eléments d'ethnosociologie et d'ethnohistoire, Tervuren, MRAC. Retrieved from https://ar.umuseke.rw/indangagaciro-na-kirazira-bavuga-urabizi-bisome-hano.
12. Suleiman, Y. (2004). *The Arabic Language and National Identity: A Study in Ideology*. Edinburgh University Press.
13. Floyd, R. (2017). Uruhare rw'Ikoranabuhanga mu Iterambere ry'Ururimi: Urugero rw'Indimi z'Ikinyafurika.
14. Al-Azmeh, A. (2001). Islamic Thought and the Western World: A Critical Study. Routledge.
15. D'hertefelt, M. (1962), Les anciens royaumes de la zone interlacustre méridionale, Rwanda, Burundi, Buha, Tervuren, MRAC.

**16.** Oakes, L. (2001). *Language and national identity: Comparing France and Sweden (Vol. 13).* John Benjamins Publishing.

**17.** Gafaranga, J. (2019). Language choice and direct speech presentation in Kinyarwanda news articles. *International Journal of Bilingualism*, *23*(5), 921-941.

**18.** Nassenstein, N. (2015). Imvugo y'Umuhanda: youth language practices in Kigali (Rwanda). *Youth language practices in Africa and beyond*, 185-204.

**19.** Rurangirwa, S. (2012). The absence of Kinyarwanda in the current language policy of Rwanda. *The Journal of Pan African Studies*, *5*(8), 169-177.

**20.** Mamdani, M. (1996). *Citizen and subject: Contemporary Africa and the legacy of late colonialism*. Princeton University Press.

**21.** Samuelson, B. L. (2012). Rwanda switches to English: Conflict, identity, and language-in-education policy. In *Language Policies in Education* (pp. 210-232). Routledge.

**22.** Bazimaziki G. (2018) "A Synchronic Approach to Kinyarwanda Variation Among Its Native Speakers." *International Journal of Linguistics, Literature and Culture.*

**23.** Dushimimana, J. (2013). Tuff Gangz yaba yarononnye ikinyarwanda gakondo. (Tuff Gangz have already spoilt/damaged the classic/standard Kinyarwanda). Retrieved from http://www.imirasire.com/amakuru-yose/imyidagaduro/mu-rwanda/Tuff-Gangz-yaba-yarononnye

**24.** Nsanzimana, E. (2018). Kuba Umunyarwanda asuhuza undi Munyarwanda mu Cyongereza cyangwa mu gifaransa biteye soni. Retrieved from https://umuryango.rw/amakuru/mu-rwanda/politiki/article/kuba-umunyarwanda-asuhuza-undi-munyarwanda-mu-cyongereza-cyangwa-mu-gifaransa.

**25.** Mukeshimana, S (1999). Uruhare rw'Ikinyarwanda mu iterambere ry'uburezi mu Rwanda. *Urugero rw'Akarere ka Gasabo*. (107-169)

**26.** Nyatanyi, A. S. (2018). *Kinyarwanda: Language of Unity and Culture in Rwanda*. Kigali University Press.

**27.** Kanyonga, M. L. (2015). *The Role of Language in National Identity: A Case of Kinyarwanda*. In *Language and Identity in Rwanda* (pp. 45-60). Rwanda National Publishing House.

**28.** Kamanzi, S (1997). Ibonezamvugo, umusingi uboneye ururimi n'umutungo w'umuco nyarwanda. *The Journal of Pan African Studies*, *4-27*

**29.** Musangwa, *R. (2007*). Rwanda et leur language bantu copmpetante culture Africain.Librairie Honoré Champion, Paris (4-23)

**30.** Ikigo cy'ubushakashatsi mu by'ubuhanga n'ikoranabuhanga (IRST), (1998) Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo I, Pallotti-Presse, Kigali.

**31.** Fountain Publishers (2013). Ikinyarwanda: igitabo cy'umwarimu umwaka wa 4, 5, 6.

**32.** Sekamana, A., & Niyomugabo, C. (2023). Causes of inappropriate use of Kinyarwanda in the Rwandan media. *East African Journal of Education and Social Sciences*, *4*(2), 127-133.

**33.** Sibomana, E., & Uwambayinema, E. (2016). Kinyarwanda doesn't have a place in communication at our schools: linguistic, psychosocial and educational effects of banning one's mother tongue. *Rwanda Journal*, *3*(1), 23-40.

**34.** Rurangirwa, S. (2012). Ukwitabwaho guke kw'ikinyarwanda muri politiki nshya y'indimi mu Rwanda. *Journal of Pan African Studies*, *5*(8), 178-190.

**35.** Niyomugabo, C. (2015). Mu nyandiko yise"Kinyarwanda language in education across times: myth or reality?"

**36.** Alleluya, P. (2005) "Semantic analysis of the slang of Nyabugogo boys.

**37.** Rutayisire P., & Byanafashe, D. (2016). History of Rwanda's from the beginning to the end of the 20th Century.

**38.** Niyonzima, F. (2013). *Ikinyarwanda: Ururimi rw'imvano n'imikoreshereze*, Rwanda Educational Publishers. (20-35)

**39.** Ntakirutimana, J. (2015). *Ubumenyi bw'ururimi rw'Ikinyarwanda mu burezi*, Rwandan Educational Foundation. (47)

**40.** Mukama, E., & Nkusi, L. (Eds) (2019). Mu nyandiko y'ubushakashatsi "Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu"

**41.** Nsanzabiga, E. (2012). From the trapped language to hybridized language: An Educational dilemma in teaching Kinyarwanda" *Rwanda Journal of Education*, 1(1).

Copyright © 2025: by the author/s. This article is licensed and distributed under an Attribution-NonCommercial-ShareAlike 4.0 International (CC BY-NC-SA 4.0)